# KANGURA

N° [illegible]

KA02 1175

**LA DEMOCRATIE PAR LA VOIE DU MULTIPARTISME EN APPELLE A LA LOI DE LA MAJORITE ET LES DROITS DES MINORITES.**

## MU RWANDA, UBUTABERA BUBONA IBYO MINISITIRI MUJYANAMA ASHAKA KO BUBONA!!!

KA021175



◀ NTASHAMAJE NA BAGENZI BE, BAGOMBYE GUSHYIRA AHAGARAGARA BA «RUSARURIRAMUNDURU»

PROKIRERI NKUBITO ALPHONSE MARIE AKORERA NDE??? ▶






Abonnement annuel: Rwanda : 2400 FRW
Afrique : 4400 FRW
Europe : 5000 FRW
BCR : [illegible] KIGALI

KA02 1176

# LA DEMOCRATIE PAR LA VOIE DU MULTIPARTISME EN APPELLE A LA LOI DE LA MAJORITE ET LES DROITS DES MINORITES.

## *KANGURA — LA CLOCHE QUI SONNE.*

### *RADIO-RWANDA, BRAVO!!!*

*Ce qui, dans les semaines passées, pouvait passer pour une rumeur et article incitateur devient une vérité qui appelle tout le peuple rwandais à la vigilance.*

*En effet,* KANGURA *a toujours lutté pour que l'information ne soit pas monopole de certains sous prétexte de* ***«secret de l'Etat»*** *alors qu'est concerné tout un peuple. Quand la rumeur devient une vérité cachée, voilà l'occasion que peut saisir l'ennemi pour nous faire tomber dans son piège.*

*Pourquoi Bravo à RADIO-RWANDA? Depuis le récent changement qu'a opéré le Chef de l'Etat à la tête de l'ORINFOR, les Rwandais et surtout la presse internationale, ont dû être étonnés par la transparence et l'objectivité que s'est revêtue Radio-Rwanda. Elle ne nous casse plus les oreilles avec sa musique internationale. Les émissions de Radio-Rwanda, ce 13 janvier 1991 ont dû être amers pour les Inkotanyi et leurs complices. Contrarier les presses internationales qui les soutiennent, et donner un coup de pouce à ceux qui sont épris de justice et de vérité.*

*Les Inkotanyi et leurs complices sont déterminés à* ***«démanteler le système politico-administratif et institutionnel mis en place au Rwanda par un certain Harroy et consolider successivement par les tenants du "Hutisme" pur et dur».*** *Ce n'est pas* KANGURA *qui l'a diffusé ni écrit. Ce n'est non plus* KANGURA *qui a intérêt à semer la zizanie au Rwanda.* KANGURA *a retrouvé cet écrit de KABEGO de Bujumbura daté au 20 novembre 1990 comme tout le monde dans la rue. Dans un pas en guerre, jonché de régiments de complices,* KANGURA *croit que l'on peut y trouver les douilles de cartouches comme on peut y lire toutes sortes de malveillance.*

*Aujourd'hui* KANGURA *invite à son lecteur de féliciter Radio-Rwanda qui veut que pour cette fois-ci, les antennes nationales émettent au peuple les vérités nationales qui autrefois étaient considérés à tort comme secret d'Etat.*

*Pour une fois, le Rwanda est aussi sorti de sa tanière de secrets de polichinelle. Radio-Rwanda a surpris hier le peuple Rwandais et a contrarié certainement les Inkotanyi, quand une fois de son histoire, sans craindre* ***«de faire peur ou casser le moral de nos forces armées»*** *a diffusé que les Inkotanyi profiteront de la guerre du Golfe pour perpétrer encore une attaque de grande envergure contre notre pays. Cela ne peut que nous rappeler à la vigilance et dire à nos ennemis que notre armée a pris des positions inénbralables. S'ils veulent se mettre la corde au cou, ils n'ont qu'à venir. Aussi, Radio-Rwanda a démenti les fausses informations de la presse internationale (MARIE CROSS) dans tout leur fraîcheur, non seulement en disant qu'elles mentent mais aussi arguments solides à l'appui.*

*Pour les* ***« dix commandements »****, on accuse* KANGURA. *Pourquoi enterre-t-on dans l'oubli le* ***« plan des reconquérants du pouvoir féodal »*** *? (*KANGURA N° *4) avec ses 19 commandements???*

*Nous croyons qu'il est temps, au début de notre ère démocratique de raisonner juste et lucidement. C'est nous qui devons avoir peur de la vérité ou les Inkotanyi et leurs complices?*

*Pourquoi peut-on faire croire ou nous faire croire que si un journaliste dit la vérité sur les intentions, vues ou actions de tel ou tel autre groupe racial au Rwanda (Tutsi, Twa ou Hutu) il aura absolument semé le trouble et les haines entre les races qui pourtant habitent le Rwanda? En enfermant le chien dans une cage, il devient encore plus féroce. La vérité fait peur aux Inkotanyi et leurs complices surtout quand elle est proclamée par Radio-Rwanda qui devient maintenant la voix du peuple. Pourvu que ça dure.*

*Vous savez, chers lecteurs, qu'on défend à certains de dire ce qu'ils pensent de cette guerre que les Inkotanyi continuent à nous imposer.*

*On dirait même que nous permettons aux Inkotanyi et leurs complices de nous casser les pieds et les nerfs par crainte de blesser par une légère égratignure* ***«la paix et l'unité»*** *qu'ils ont pourtant perturbé. Soyons sérieux et disons-nous la vérité.*

*A qui toutes les concessions protectrices profitent-elles? Répondons tout de suite : à ceux qui sont* ***«déterminés à démanteler tout le système politico-administratif qu'ils qualifient de " Hutisme" pur et dur»****, système qui n'a jamais existé au monde.*

*Les Hutus (probablement de l'extérieur) avec leurs 10 commandements n'ont jamais pensé à faire du mal à leurs compatriotes Tutsi paisibles de l'intérieur du Rwanda. Qu'on ne trompe plus personne, il n'y aura plus d'effusion de sang entre Hutu et Tutsi au Rwanda.*

*Le MRND dans ce sens a accompli sa mission de pacification. Plutôt, il est à craindre que les Inkotanyi et leurs complices exaspèrent la patience du peuple par une longue provocation. Il est aussi à craindre que toute l'assurance des Inkotanyi dans leur* ***« victoire certaine »*** *est certainement animée par l'expérience historique de novembre 1959. Les Hutus après avoir reconquis leur liberté n'ont jamais porté atteinte à celle des Tutsi.*

*Maintenant ces derniers s'acharnent à raconter à qui veut les entendre, surtout une partie de l'opinion occidentale et même au Président de la République — Quel bravoure! — que les Hutus qui ne les ont jamais inquiétés veulent aujourd'hui les décimer. Où veulent-ils plutôt en arriver? Attiser la colère des Hutus, mépriser les droits et la paix des paisibles* ***« Tutsi rwandais »*** *et exaspérer le peuple Rwandais en faisant croire au monde entier que la solution du problème des réfugiés est la clé ou la solution miracle pour retrouver la paix chez nous.*

*C'est ce que dit la lettre de 7 militants du groupe NTASHAMAJE publiés dans l'*Imvaho n° 876*? Que sont-ils? Quel groupe représentent-ils? Espérons qu'ils représentent le groupe des* ***« Tutsi paisibles »*** *de l'intérieur du pays.*

*Nous ne savons pas si le groupe NGILIRA a eu quant à lui l'audace de demander audience chez le Président de la République parce que Radio-Rwanda ou* Imvaho *sinon la* Relève *d'alors ne nous en ont rien dit. Pourquoi?*

*Tout en ménageant les complices de l'ennemi, nous nous sommes enfoncés dans l'insouciance et l'inconscience devant les vues des Inkotanyi qui deviennent de plus en plus flagrantes aussi longtemps qu'elles sont cautionnées par le mépris, le cammouflage de l'opinion publique, de la grande majorité de la population à la Communauté internationale.*

*Comme nous sommes au début de la démocratie, une paix négociée avec la participation inconditionnée de toutes les parties impliquées dans le conflit, en l'occurence* ***« l'intérieur »*** *comme*

KA02 1177



KA021177

«*l'extérieur*» limiterait les dégâts de la guerre.

KANGURA *ne veut en aucun cas voir naître les conflits ethniques à l'intérieur du Rwanda. Ici on nous demandera qui faire et comment faire pour sortir de cette lutte infernale avant que le Rwanda ne se transforme en une nouvelle Libéria, Tchad, Angola, Somalie, Ethiopie ou Ouganda? Qu'on nous excuse encore et ne nous taxe pas d'extrémistes de ce pays. Nous sommes modérés. Notre pays n'a rien d'autre que l'africanité post-coloniale que nous partageons avec tous les Africains et devons reconnaître que nous pouvons subir le même sort que tous les autres. Heureusement, nous sommes Rwandais et il est encore trop tôt pour tirer leçon de l'expérience amère de nos frères Africains et Latino-américains du Tiers-monde.*

*Notre armée s'est imposée face aux Inkotanyi. Mais ne nous leurrons pas. La population intérieure n'a pas encore pris le dessus sur les complices. Nous ne voulons que la transparence, et Augustin MAHARANGARI le 11 janvier 1991 a déclaré que la démocratie est à ce prix.*

*Alors qu'un juriste chevronné américain se félicite (ironiquement peut-être) de notre charte nationale qui empêche les gens à se grouper selon les ethnies, la religion et je ne sais quoi encore, la nervosité causée par ce qu'on appelle «* ***rumeurs*** *» ces derniers mois devient une tactique réussie des Inkotanyi. Demandez-nous pourquoi?*

*Parce que:*

1. *La carte d'identité ne dérange pas les Bahutus ni les Batutsi honnêtes. Il n'y a que ceux qui sont mal intentionnés qui réclament la suppression de la mention ethnique. Une enquête sérieuse nous démentira.*
2. *Les Hutus n'ont rien contre les Tutsis, sauf évidemment ceux qui trahissent leur patrie en voulant ramener la monarchie.*
3. *Les Tutsi réfugiés qui veulent revenir au Rwanda ont toujours eu les portes du pays grandes ouvertes et les exemples sont courants.*
4. *La Révolution de 1959, par laquelle tous les Hutus se sont révoltés contre le pouvoir monarchiste Tutsi n'a pas duré plus d'1 mois, et la suite fut sans revanchardes.*
   *La transparence politique nous permettra de savoir les provocateurs du climat qui régnait en 1973 et on s'apercevra peut-être que c'était le début du Plan Inkotanyi*

*Pour dire que si on veut une pure démocratie, mieux vaut laisser le Hutu, le Twa ou le Tutsi reconnaître ce qu'il est, et la réconciliation ne sera qu'assurée démocratiquement. Ne savons-nous pas que c'est après que les enfants reconnaissent l'importance de leurs sexes que les parents autorisent le mariage? On n'a jamais vu un parent défendre à un enfant de reconnaître qu'il est garçon ou fille. Aussi, dans ce pays, chacun doit y reconnaître sa place et servir là où il est utile et capable.*

***— Ce MAJYAMBERE n'a pas honte? —***

*Que le Rwanda ait un problème socio-politique à résoudre, tout le monde le reconnaît, que chacun soit invité à émettre son avis sur l'aggiornamento politique et l'ouverture démocratique dans notre pays, cela va sans dire, mais que des gens comme RWIGEMA, RWIGARA et KAJEGUHAKWA, et surtout MAJYAMBERE Silas prétendent gouverner aux destinées du Rwanda, cela dépasse notre entendement. Multimillionnaire soit-il, (l'argent apporte le pouvoir) Majyambere avec ses 3 ans post...maternels président!!! en exil (pourquoi) de la Chambre de Commerce et d'Industrie du Rwanda!! Président-fondateur du parti U.P.R., il est inconcevable comment ce MAJYAMBERE s'est levé un bon jour sur son pied gauche pour penser en somnambule à devenir Président de la République Rwandaise. Quel gâchis!*

*Le Rwanda n'a donc plus de fils dignes de ce pays? Quoi qu'il arrive, c'est la démocratie qu'ils (INKOTANYI, F.P.R., U.P.R. et les autres) réclament. J'aimerais qu'on les laisse venir sans conditions sauf celle de venir les armes à la main et confronter le peuple Rwandais avec leurs idées. Que certains ne taxent pas cet écrit d'extrémiste ou de naïf. Nous avons dit que nous sommes des vrais centristes. Seulement, nous imaginons mal MAJYAMBERE et ses fidèles former un gouvernement quelconque, sauf celui des complices et des traîtres.*

*Nous souhaitons qu'on laisse le FPR et l'UPR venir au tapis (ring) de la démocratie sans condition sauf celle de laisser la Kalachinkov de l'autre côté de la frontière. Qu'ils se fassent voir, la démocratie les étonnera. Voilà où est notre extremisme. voilà ce qui fait qu'on veut nous appeler ennemi du Pays. Souhaitons encore que certains rwandais ne soient pas non plus tendancieux en interprétant nos publications de meneurs de troubles avant les Inkotanyi et leurs complices qui nous ont foutu la paix en l'air et que nous ne savons pas encore récupérer.*

*Pour me résumer, il ne faut plus seulement muser sur l'invincibilité de nos forces armées, mais aussi penser à la détermination de notre peuple. Sinon celle de la majorité des Rwandais à reconquérir sa dignité et sa souveraineté. Nous croyons que même la solidarité internationale ne nous en voudra pas, tant que un pays veut sauvegarder les intérêts de sa majorité et «* ***faire respecter les droits de tout son peuple quelqu'en soit le prix*** *» comme le réclame Kabego — Patriote rwandais.*

*Soyons francs. Comment les gens venus de l'extérieur peuvent-ils continuer à harceler 8 millions d'hommes (sinon 6 millions si 2 sont complices) qui sont chez eux? Ça paraît de plus en plus ridicule quand certains de nos responsables continuent à brandir devant les yeux du peuple Rwandais les droits des réfugiés sans faire plutôt prévaloir la loi de la majorité et le principe des droits des minorités, au lieu de continuer à forcer la population rwandaise par l'idéologie de la «* ***Paix et l'Unité*** *»* nationales que les Inkotanyi et leurs complices ont rompu de leur gré.

«***Ntabapfira gushira***», *que les Inkotanyi et leurs complices sachent qu'ils ne peuvent pas exterminer tous les Rwandais de Bonne Volonté. Seulement dommage qu'on ne peut pas limiter les effets de cette guerre à moindre frais!*

*La Révolution socio-politique de 1959 «* ***n'est pas fini et elle est*** *» irréversible. Nous souhaitons que l'ORINFOR et particulièrement Radio-Rwanda jouent leur rôle et que son nouveau dirigeant tienne son pari de définir une «* ***opinion publique nationale*** *» que les Inkotanyi et l'opinion internationale doivent respecter.*

*Rédaction GISENYI-INFO.*

# IBIHE BIHA IBINDI.

KA02 1178

Mu gihe u Rwanda rwari rumaze gutera intambwe igaragara mu majyambere, ibyo ntibyigeze bishimisha inyenzi, zakomeje guhekenya amenyo. Impamvu itumye mvuga ko ibihe biha ibindi, ni uko abanyarwanda b'ubu bafite imyaka guhera kuri 30 y'amavuko, cyane cyane bariya bafite imyaka 20, bazi ko u Rwanda rurangwa n'ituze mu barutuye, none ubu icyitwa inzangano cyongeye kwegura umutwe. Ibyo rero ntibyagombye kubaca intege, kuko inyenzi zo muri 59 zihunga, zitajyanye n'Imana y'i Rwanda. Yemwe n'ibyitso byazo ntibyayisigaranye. Hari benshi bari bazi ko mu Rwanda hatavugira urusasu, nyamara KANGURA yashatse kubikomozaho itungira ababishinzwe agatoki, bene kugurisha urwababyaye bati: kariya Gahunga nkabe hagiye muri 1970 W[illegible] mugani wawe se, iyo prison bagushyiramo, yabaye stage baguha? Abakunda u Rwanda rero, nibamenye ko ibihe biha ibindi, ko ibyabaye byari ngombwa ko bibaho!

**Nta bwoko busumba ubundi**

Mu makuru yasomwe mu Mvaho, akanumvikanira kuri Radiyo Rwanda, hari abana « bambitswe » umusaraba wa Hitler. Nkibyumva jye ntibyambereye igitangaza. None se abazi gushishoza bayobewe ko abatutsi bagize umutwe w'inyenzi, bifuza ko ubwoko bwabo bwasumba andi moko yo muri Afurika? Witonze ukareba neza, wasanga umututsi ahora yifuza kujya mu rwego rusumba urw'abandi. Iyo ahuye n'umutegetsi runaka, ntatinya kumwiyegereza, yahura n'umuzungu noneho, agasya atanzitse. Nyamara abahutu bakwiye kureka kuba « Naïfs » haba muri bo icyo nakwita « reveil de la conscience des Bahutu » (ubwo ikinyarwanda cyambanye gike) Revolisiyo yo muri 59 igomba gukomeza gutera mu ntambwe ya KAYIBANDA na GITERA.

Twibukiranye ko abo bagabo batigeze bashaka gutsemba ubwoko bw'abatutsi, ahubwo banze ko abatutsi bahora bumva ko ubwoko bwabo busumba ubw'abahutu. KAYIBANDA ati: abahunze nibagaruke, baze turwubake hamwe; Perezida HABYARIMANA aje aryungamo, ariko se bigeze babyumva? Namenye ubwenge nsanga hari imvugo ngo: « umututsi umusasira mu kirambi akagukura mu mbere ». Iyi ntambara yo mu Rwanda yagombye kubera isomo akarere kose k'Afurika yo hagati, cyane cyane kariya k'ibiyaga bigari. None se ntimubona ibyo abahima bakoreye bagenzi bacu duhana imbibi?

**Ujya kubeshya agira aho ahera.**

Mu guharabika u Rwanda, inyenzi zabuze aho zihera, zipfa kuvuga ibibonetse byose. Inyandiko za KANGURA N° 4 na N° 5, zafasha umuntu utari « naïf » kumva no kwibaza byinshi. None se demokarasi y'izo nyenzi ntiyagaragaye? Kera zakoreshaga amacumu, none zaje zitwaje amasasu n'ibisasu, kuko ari byo bigezweho da! Koko ngo mu Rwanda abahutu baryamiye abatutsi? Koko? Koko hari icyo babuze uretse umwanya abaturage bahaye Perezida HABYARIMANA? Batagira ububasha mu gihugu se, Ngeze Hassan akimara kugaragaza imigambi yabo ntibahise bamufungisha? Ese ubundi yafunzwe na nde? Nyamara Ngeze si we wagombye gusubiza icyo kibazo, ndetse ni kera abivuga. Ngo baryamiwe mu nzego zose: ubutegetsi, ubukungu ndetse na Kiliziya. Ngo bashaka n'umwanya wa Mgr Vicenti NSENGIYUMVA da! None se Nsengiyumva ayobora abasenyeri n'abapadiri bangahe b'abahutu? Ibyo mu butegetsi sinagira icyo nongera ku nyandiko y'abanyeshuri bo muri Kaminuza y'i Laval.

**Si mu Rwanda gusa.**

Amateka y'u Rwanda avuga ko abatutsi bahunga demokarasi yashyizweho n'abahutu bafashe iya Zayire. Aho naho baje gufatwa aka za Ngagi za Nyiramacibiri. No muri Zayire birumvikana basanzeyo abahutu bari baragezeyo muri za migarasiyo, ndetse n'abahunde barangwa na ya « naïveté bantou ». Bamaze gutura rero, abana babo bariga. Ngabo muri Kaminuza, ngabo mu butegetsi, ngabo muri za Sominari, ngabo mu burezi aho banyereje 65.000 .000 F, ngabo .... ese aho utabasanga ni hehe? Muti ese kuki abatutsi bakunda Sominari? Nyamara nasanze bifite impamvu. Ni nayo mpamvu iyo umuhutu akandagiye muri Sominari bagerageza kumwigizayo, dore ko aba ari bo bayiyobora cyangwa se iyoborwa n'ibikoresho byabo by'abazungu. Nasanze rero igituma bohereza abana babo mu masominari, ni ukugira ngo Kiliziya Gatolika izabafashe gufata ubutegetsi. None se twakwirengagiza ko abazungu (Ababiligi) hamwe na Kiliziya Gatolika bagize uruhare mu guhirika Umwami? Urebye neza rero, abafashije Abarwanashyaka mu guhirika Kalinga ni nabo bafatanya n'inyenzi mu kugarura ya ngoma ya Ruvumwa. Aha musome « La Libre Belgique » mwumve ibyo abo babiligi bavuga k'u Rwanda iyo bagereranya ibitagereranywa. (Comparer l'incomparable). Koko ngo u Rwanda ni nka Afurika y'Epfo? Noneho mwitonde murebe uruhare rwa Kiliziya (Abapadiri) muri kiriya gitero kitazibagirana mu Rwanda.

Nyakwigendera Mgr BUSIMBA Joseph (Hutu) akimara kwitaba Imana, byabaye ngombwa ko bamusimbura. Intambara irarota hagati ya KANYAMACUMBI (Tutsi) na KAJIGA BALIHUIA (Hutu) wahabitizwe agahita asanga mwene wabo BUSIMBA. Kanyamacumbi ntiyabonye umwanya yaharaniraga, ariko uwo mwanya wahawe Mgr NGABU Faustin (Hima). None se, NGABU nta ruhare yagize mu gutorokesha wa wundi abanyarwanda baherutse Gashakabuhake? Biti ihi se, uriya muhima w'i Bugande arashaka kugera kuki? Icyakora abagize uruhare bose mu gitero cy'inyenzi bazabibazwa kera na vuba. Abenshi bitwaje imirimo y'abashumba b'intama z'Imana, maze bakora amarorerwa. Imana izabatwikira hamwe na RWIGEMA. Reka nongere nkubwire impamvu inyenzi zizahora zirangwa no gusopanya abumvikana. Muribuka ko muw'i 1965 muri Zayire habaye intambara yiswe Kanyarwanda. None se iyo abatutsi badahungira muri Zayire, mwagize ngo abahunde bari gusubiranamwo n'abanyarwanda (Hutu) icyo gihe? Na n'ubu ubajije umuhunde icyo yaptuye n'umuhutu mu w'i 1965, yakubwira ko byatewe n'abanyarwanda ba « mizuru »! Ubundi inyenzi zirangwa na byinshi rwose.

**Bite n'ubwoko mu Ndangamuntu?**

Nta munyarwanda wagombye kubabazwa n'uko mu Ndangamuntu hatakiranzwemo ubwoko, n'ubwo icyo cyari icyifuzo cy'inyenzi. Nyamara ntacyo inyenzi zifuze ngo zikibone,

KA02 1179



KA021179

cyangwa se ngo kibahire. Zifuje, nako zasabye amatora, ziratsindwa. Zishoza intambara mu w'i 1962 kugeza mu w'i 1967, zishirira ku icumu. N'ejobundi dore ibyazibayeho mu Mutara. Ntihazagire uta igihe atekereza ku kibazo cy'i Ndangamuntu, kuko no muri Zayire bazi gutandukanya umunyarwanda w'umuhutu (Bantou) n'umututsi (Hima-Tutsi). Abatutsi rero banze ubwoko bwabo kuva Kigeri yaburiramo. Bategereje rero ko babona ubutegetsi kugira ngo bemere ko ari abatutsi koko. Abahutu nyamara barangwa n'ubutwari no gukunda ubwoko bwabo. Nawe kubona bakandamizwa imyaka amagana n'andi, ariko bakaba batarigeze bahakana ubwoko bwabo? Muri Zayire rero, umututsi ntashaka ko bamwita umututsi, ahubwo yifuza kwitwa umunyarwanda byonyine!

**Rwose byari ngombwa ko bahindura indangamuntu.**

Impamvu ya mbere ni uko inyenzi zari zariganye indangamuntu isanzwe, dore ko byanasakuje ku byerekeye iriya nyenzi yakoresheje icapiro ryayo muri ako kazi.

Impamvu ya kabiri uko mbibona yatuma indangamuntu ihindurwa byanze bikunze, ni uko inyangarwanda zakoresheje ubwoko bw'abahutu mu guharabika u Rwanda.

Ariko Habyarimana yagorwa! Kubona umugaba nka Habyarimana Juvénal yiyamamaza hamwe na MAJYAMBERE Silas biratangaje! Nanze kuvuga ko bibabaje. Uwavuze ko mu Rwanda nta banyapolitiki bahaba yarabeshye? Icyakora muzareke PDG aziyamamaze, niko muri demokarasi bigenda. Majyambere yananiwe Rayon Sport, none ngo azashobora u Rwanda? Ese bazi ko kuyobora u Rwanda bisaba ubwitonzi? u Rwanda rwariwe cyane cyane aho MRND ivukiye. Reka mbisobanure gato. Ba Majyambere, Kajeguhakwa, Rwigara n'abandi bacyihishe ariko ari ibyitso by'inyenzi, bahereye ku mahoro Général HABYARIMANA Juvénal azanye mu bana b'u Rwanda, maze zi ugusahura bakoresheje amayeri yose ariko, Imana Ishimwe yatahuwe yose. Igisigaye ni uko naïveté ya rubanda nyamwinshi yashira, maze bakumva ko ubuhake n'ubuja byugarije u Rwanda. Abakunda u Rwanda nababwira iki rero!

MRND yaje ihuza bene Kanyarwanda, ariko ba gashozantambara baboneraho gutegura imigambi yabo. None se iyo mu Rwanda hataba amahoro, inyenzi zari kwinjiza abasirikari banyuze muri bus? None se umuzungu ko yakoze imodoka, ntigera aho kumuhirika ikanamuhitana? Abahutu baradamaraye barenza urugero bagera n'aho gusenya ingo zabo bagana ibizungerezi, ngo niyo matwara ya MRND: ubumwe, amahoro ... Aha mwongere musome KANGURA N° 4, page 2, ku ngingo ya 5. Ndizera ko ntawe ugurira KANGURA kutayibika.

Abahutu bakomeze barongore abatutsikazi, ariko nyuma abatutsi bo bagamije kumarira abahutukazi ku icumu! Quelle naïveté! Rero ngo ibyo bizungerezi nibyo bizi gufata abagabo neza! Byabuzwa n'iki se ko ari yo misiyo biba byahawe?

Ngeze we, warafunzwe karahanyura, ariko nyamara iyo uza gusiga uruhu rwawe mu buroko ntiwari kuba nka Minisitiri runaka cyangwa ofisiye runaka wari guhitanwa n'inyenzi ahennye mu bizungerezi. Mwese muracyahumeka rero, noneho nimwibuke ya nanga ya RWANYONGA na RWABUGIRI. Naho bariya basore baguye ku rugamba baharanira ubusugire bw'igihugu cyabo, bapfuye nk'abagabo, nka ba sokuruza batabarutse ari intwari. Bagomba guteganyirizwa urubuga twakwita: « La place des héros d'Octobre ». Naho abagishakisha abanzi, bagombye guhera kuri bariya biyise abahutu ari abatutsi, bityo bigatuma bafata imyanya ikomeye mu butegetsi, ndetse bakanaboneraho gusebya u Rwanda n'abarukunda barutuye.

**Bikwiye kugenda bite?**

Ibuye ryabonetse ntiryica isuka. Abatutsi bagize batya barisuganya, maze umututsi wo muri Zayire yahura n'uri muri Canada bakavuga rumwe.... mbese barangwa n'intego imwe: «Gufata ubutegetsi mu Rwanda». Naho rubanda nyamwinshi rwo mu Rwanda ruriturамiye ngo Général Habyarimana yazanye amahoro, turamushyigikiye, kandi bagira batya bakamushinga ibikwasi. Igihe kirageze rero, abacuramiye mu bizungerezi bumve ko ishwima itarya imbwa. Nibahaguruke bareke kubabaza KAYIBANDA aho aruhukiye, bareke kuvuna Perezida HABYARIMANA wakomeje guharanira amajyambere y'u Rwanda.

Hari abatutsi batagomba kuzira ubwoko bwabo, kuko nyamara bose atari inyenzi. Ikibabaje ni uko abenshi ari zo. Abo bashyigikiye kiriya gitero cy'inyenzi, bagatuma Perezida HABYARIMANA yitwa urebye Mpekabanduma, bakwiye gusanga mwene wabo Rwigema. Abahutu bakomeze bumve ko byanze bikunze bagomba guturana n'abatutsi mu Rwanda, ariko bakabumvisha ko guturana nabo atari ukubaha umwanya wo kugarura Kalinga mu Rwanda.

**Baje ari bakidobya.**

Umubyeyi ati: «si byiza ko umwana w'impunzi yakomeza kwitwa impunzi». None se yari gushaka gukemura ikibazo cy'impunzi agize ate? Umubyeyi w'amahoro ati «ndifuza ko abana b'u Rwanda bababo mu mahoro, m'ubumwe ntawe uryamiye undi». Aho inyenzi ziturамye zumva ko azibukije kuzana umwami wazo. Umubyeyi ati «tuvugurure politiki yacu, habeho amashyaka menshi, demokarasi ifate indi sura». Inyenzi zibyumvishe ziti dufite Rwigema wize kurasa! Nyamara uretse gutegeka, HABYARIMANA azi no kurasa.

Kanyarengwe nawe ati ubutwari bwa HABYARIMANA ndabuzi, ubwo yagiye mu mahanga umuntu yagwa gitumo abasigaye. Yirengagije ko iyo Général agiye mu mahanga aba agiye gushaka inshuti nyanshuti, kandi ko aba afite abasigaye ku rugo. Kanyarengwe yatekereje ahari ko INZIRABWOBA zahinduye izina, ko n'umugaba wazo ari Rudatinya aho rukomeye. None se nibwo bwa mbere arwana n'inyenzi? Bati buriya izo nyenzi zari zizi ko ubwo zirimo abagaragu bazo b'abahutu ziza kugira ubundi butwari. Kanyarengwe rero yabonye Rwigema amaze gukenyuka, ati n'ubundi u Mutara usanzwe ari itongo ry'inyenzi, afata iy'ibusamo.

Buri munyarwanda ukunda igihugu cye, akwiye kumenya ko inyenzi zafashe imbunda ari uko zizi ko zidashobora gutsinda amatora yateganijwe. Zijya gutera u Rwanda zakoresheje inoti, nuko bamwe bemera kugurisha bene wabo n'igihugu cyabo. Abo bose bakwiye gusanga Rwigema F. Siniriwe ngira icyo mvuga ku by'amatora, ariko nsanga intambara iri mu Rwanda yarafashije abanyarwanda kurushaho gufatanya. Baramenye rero uwo bakesha agahenge bafite ubu.

Murakoze!!!

*NZABONIMPA MACUMU Albert*
*VI<sup></sup>e année Math Physique*
*Institut de NYAKARIBA (Masisi)*
*B.P. 50 GOMA*
*12 GISENYI*

KA02 1180

# KANGURA IRATUNGIRA AGATOKI IBIRO BY'IPERERЕZA.

*Rédaction GISENYI-INFO*
*Journal KANGURA.*

Kangura iratungira ibiro by'iperereza agatoki.

Muri iki gihe u Rwanda rugihatana n'inyenzi ziyise Inkotanyi, abaturage baribaza byinshi cyane cyane ku byitso byazo, biba imbere mu gihugu.

- **Impamvu abaturage bacyibaza ibyo bintu ni uko byababereye urujijo.**
- Abaturage barifuza ko ibiro by'iperereza byazakora anketi ku byo tugiye kuvuga hepfo, maze ibyo bazasanga ari ukuri bakabishyikiriza Perezida wa Repuburika

— Abaturage bari[illegible]nwakora iperereza kuri [illegible]eri ishinzwe abakozi ba Leta n'iyigishwa ry'abakozi (MINIFOP) maze mukareba ko abakozi bose bahawe akazi nyuma ya 1988 ko uko guhabwa guciye mu nzira nziza, ntaho guhuriye n'itegura ry'igitero cy'Inkotanyi.

— Abenshi muri abo bakozi muzarebe uko ibya ngombwa bitangwa na komini bazanye biteye, n'amavu n'amavuko yabo. Muzibande cyane cyane ku bakozi MINIFOP yohereje muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, n'iy'Ubutabera, mudasize abakozi boherejwe mu bigo byigenga.
Nimumara gukora iperereza rinononsoye kuri abo bakozi na Minisitiri ushinzwe kubaha akazi, ibyo muzasanga ari ukuri muzabyohereze kwa Perezida wa Repuburika kandi mukurikirane ko yabibonye. Kuko ubu abaturage bafite impungenge ko hari bimwe bitamugeraho. Mbere yo kurangiza, muzarebe uko iringaniza mu gutanga akazi ryakozwe muri Électrogaz, kuri Stations zayo zose zo mu Rwanda, n'impungenge rubanda bafite kuri abo bakozi.

— Abaturage barifuza kumenya icyo MININTER yaba yarakoze akimara kumenya ko u Rwanda rugiye guterwa, dore ko Perefe wa Byumba yabimubwiye kenshi, akicecekera kugeza ubwo amaraso y'abana b'u Rwanda amenetse.
Ese uko guceceka kwe ntacyo kwaba guhishe?
Ngo icyo muzamenya, muzakibwire Perezida wa Repuburika.

Abaturage barifuza kumenya impamvu Minisitiri w'Ubutabera atajya agira icyo avuga ku bantu bamaze igihe bafunzwe bataburana, kandi ntibarekurwe, kuko ibimenyetso biba byarabuze.
Ngo impamvu abaturage bibateye impungenge ni uko ari byo amahanga aheraho avuga ko tutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Kuri icyo kibazo cy'uko umubare w'abafungwa bataburana ugenda urushaho kwiyongera
kandi hari abafunzwe bazira ubusa batarekurwa cyangwa ngo bacirwe urubanza.

Ibyo ni bimwe mu bituma bavuga ko tutubahiriza uburenganzira bwa mwenemuntu. Ntibizatume mudakurikirana n'ibindi byazambye muri iyo minisiteri ayobora.
Ngo kuri Minisitiri w'Ubutabera muzahere kuri disikuru yavuzwe na Perezida wa Repuburika ku ya 31 Nyakanga 1990 ubwo yarangizaga gutaha no gutangiza imishinga, ngo kandi muzarebe n'ijambo Minisitiri w'Ubutabera yavugiye ku Gisenyi mu kwezi kwa karindwi k'umwaka ushize mu itaha ry'imishinga, harimo n'ingoro y'ubucamanza.
Ngo nimujya kurangiza gukora iperereza ku bacamanza muzarebe ko nta gatotsi kaba kari hagati ya Minisitiri na rwa rukiko rushinzwe kuburanisha abahungabanya umutekano w'Igihugu. Nibishoboka muzarebe inzandiko yandikiye urwo rukiko ndetse na gereza, nyuma y'isubika rya rwa rubanza ryabaye ku ya 28 Ukuboza 1990.
Nyuma y'aho havuzwe byinshi kandi biracyavugwa, muzakore iperereza rero maze murishyikirize Umukuru w'Igihugu.

— Abaturage barifuza ko mwakora iperereza kuri aba ba milita:

1. NTASHAMAJE Antoni
2. KARENZI Petero Karaveri
3. CONSOLATEUR Inosenti
4. MAHARANGARI Agusitini
5. SHAMUKIGA Karoli
6. GAHAMANYI Selesitini
7. MULINDANGABO Amburuwaze
8. KALINIJABO Karoli

*Impamvu:* Abaturage bifuza ko mwakora iperereza kuri abo bagabo uko ari 8 ngo ni uko bashyiriye Perezida wa Repuburika urwandiko rwo kumushyigikira nyuma y'amezi atatu tumaze turwana n'Inkotanyi kandi bimaze kugaragara ko tugomba gutsinda byanze bikunze.
Abaturage baribaza impamvu bariya bagabo uko ari 8 batashatse ubundi buryo bwo kwamagana Inkotanyi aho ziri hose ku isi rugikubita mbere y'uko bajya kubonana na Perezida wa Repuburika.

— Abaturage barifuza ko bariya bagabo bazakora ibyapa byanditseho ko badashyigikiye na gato Inkotanyi n'ibyitso byazo maze bakajya imbere ya ambassade y'Ububiligi cyangwa iy'Ubuganda maze bakavuga ko bamaganye Inkotanyi n'ibyitso byazo aho biri hose ku isi.
Ngo abaturage nibamara kubona ibyo bikozwe ngo bizabashimisha
Abaturage barifuza ko mwasoma dosiye ya MUNYAMBARAGA — Inkotanyi ikomeye we n'agatsiko ke — maze mukareba ukuntu bashinja mwene NTASHAMAJE witwa NTASHAMAJE Gérard wakoraga muri BRALIRWA. Ndetse ngo washatse no gufatwa ngo afungwe hakabura gato. Nimusanga ari Inkotanyi koko muzabibwire Perezida wa Repuburika, natabayo kandi nabyo muzabivuge.

— Abaturage barifuza ko mwakora iperereza kuri KARENZI Petero Karaveri uri muri Komite-Nyobozi ya M.R.N.D. akaba n'umwe mu basinye rwa rwandiko rwakozwe **bimaze kugaragara ko u Rwanda rutacyigaruriwe n'Inkotanyi n'ibyitso byazo.**
Uwo mugabo rero rubanda rurifuza kumenya niba ntacyo yaba ahuriyeho na wa muvugizi wa MAJYAMBERE.

— Abaturage barifuza ko mwazabwira Perezida wa Repuburika ko

KA02 1181

KA021181

n'abataramwandikiye twese tumushyigikiye kandi bizira uburyarya.

Iyo anketi nimumara kuyiha Perezida wa Repuburika muzakomeze mukore iperereza ku mugabo RUSIGARIYE umwe utuye kuri GOMA no ku GISENYI, ukuntu afata abantu akabohereza mu mutwe w'Inkotanyi.

— Abaturage barifuza ko mwakora iperereza ku binyamakuru byandikirwa kuri GOMA muri ZAIRE ari byo: — *UMOJA — ELIMA — LE VOLCAN* — Ibyo binyamakuru rero bikaba bishinzwe kuvuga nabi u Rwanda kandi nta mugayo kuko byandikwa n'Inkotanyi gusa. Amakuru abisohokamo rero ntakarangaze abaturage.

— Abaturage barifuza ko mwakorana n'ibiro by'iperereza bya ZAIRE maze mukamenya umubare w'Inkotanyi ziri ku butaka bwa ZAIRE, ndetse zinafite ibyitso byinshi cyane mu Rwanda.

— Abaturage barituza ko mwakora iperereza ry'ukuntu RWEMALIKA Eustache, umucuruzi ukomeye ku Gisenyi, mukamenya aho yavanye amafaranga n'abo akorana nabo, mbese mukamushakira komisiyo yareba imikorere ye kuva igihe yavukiye kugeza kuya 1 Ukwakira 1990.

*GISENYI-INFO nayo iramukoraho anketi yayo ikazayitangaza imaze kuzura.*

— Abaturage barifuza ko mwakora iperereza kuri RUCYAHANA wari ushinzwe umutungo wa za komini zo ku Gisenyi mukareba aho yavanye amafaranga. Ni bimwe mu bivugwa, mutaretse n'inzu yujuje ku Gisenyi ngo yari kuzacumbikiramo ingabo z'Inkotanyi zari kunyura mu birunga.

Muzarebe iyo ngirwa *home* imeze nka twa kasho.

Ikindi kandi, ku makuru ava i Cyangugu bavuga ko yigeze gukurikiranwaho umutungo wa za komini za Cyangugu, ngo ubwo yari yarakoresheje za gitansi i Bukavu ho muri Zayire, ariko ntawahamya ko ari yo yubatsemo inzu y'akataraboneka y'igorofa aho i Cyangugu. Muzabikurikirane neza kandi vuba.

Nimujya kurangiza anketi, muzasesengure icyo Frère MUNYANSHONGORE Martin w'i Kabgayi, yabaga agiye gukora mu ngendo yahoragamo — Bujumbura — Kabgayi — Kampala.

Muzibuke kubaza Avocata NDIBWAMI, ubu ufungiwe muri gereza ya Kigali, urugendo bavuga ko yakoreye i Kampala, dore ko na RWIGEMA yamubwiye ko atirukanwe mu ngabo za Uganda, ko ahubwo bwari uburyo bwiza bwo kugira ngo yitegura gutera u Rwanda, ari *libre de tous ses mouvements.*

Raporo yose y'ukuri muzayishyikirize Umukuru w'Igihugu Cyacu.

# NTASHAMAJE NA BAGENZI BE BOHEREREJE UMUKURU W'IGIHUGU IBARUWA...

**Abasomyi benshi barifuza kumenya ba Rusaruriramunduru.**

Mu *mvaho n° 876* hasohotsemo ibaruwa abamilita bandikiye Umukuru w'Igihugu ku byerekeye igitero cy'Inkotanyi. Iyo baruwa kubona baragize umutimanama wo kuyandika byashimishije rubanda. Ariko ntibyatumye batabyibazaho byinshi. Tumaze amezi arenga atatu turi mu ntambara, ariko dusa n'abayitsinze, kandi biragaragara, niyo mpamvu ubu uwandika ibaruwa yagombye kwibanda ku gutsinda kw'Ingabo z'Igihugu. Ntabwo niyumvisha impamvu bariya bagabo bategereje amezi atatu yose, ngo babone kwandika iriya baruwa. Aho uruzi iyo bayandika rugikubita ndetse Abatutsi bakomeye n'abakize bakaba barambaye za pancartes ziyama Inkotanyi, bakajya imbere ya Ambassade y'Ubugande n'iy'Ububiligi, bakamagana ibikorwa by'ubwicanyi n'inama mbi Inkotanyi zitegurira muri Uganda no mu Bubiligi. Icyo gihe byari kugira isura, naho se kubona ibaruwa yoherezwa ari uko intambara twayitsinze, aho hari icyo bimaze? Aho uruzi iyo nibura basobanurira amahanga ko Abatutsi bo mu Rwanda bataryamirwa, ko badatashwe nabi! Aho uruzi iyo nibura bashyira ahagaragara abo bise ba rusarurira-munduru, aho kuvugira mu matamatama! Ku bwanjye, ndabona iriya baruwa yarimo ibirego, amaganya n'ubutiriganya. Mwese uko mwabibonye, hari uwo bashatse guhitana, cyangwa bakaba baramuhohoteye kugira ngo bamusimbure mu bye? Mbona iriya baruwa isa n'aho irega bamwe muri twe. Kandi biriya bintu bikaba ntaho bitaniye n'ibyo abanyamahanga benshi batuziza, bavuga ko mu Rwanda batubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ngo ko hari akarengane. Niyo mpamvu natwe tugomba kubereka ko ibyo bintu iwacu bitahaba, tukabereka ko u Rwanda ari igihugu kigendera ku mategeko.

Maze rero bariya bagabo bagombye gushyira ahagaragara abo bagira nabi bagakurikiranwa, bitaba ibyo, baramutse bahahuze bakaba barahemukiye Abanyarwanda, bakaba barabeshye, bakaba baradutejc urubwa turengana! Kandi mu bihe turimo, Abatutsi bafite uruhare runini rwo kubeshyuza abanyamahanga, bakabereka aho ukuri kuri. Numva rero bamwe ngo ko baba bagitegereje ko inyenzi zazatsinda! Baribeshya cyane, bamenye ko Majyambere atera umwaku mubi, akaba yarawubateye rugikubita!

Ibinyamakuru byo mu mahanga byaguriwe n'Inkotanyi biharabika u Rwanda bivuga ko Abahutu bari ku isonga, niyo bakubita umutwe hasi, ni hahandi habo ntabwo Umubiligi azigera abumva, Umubiligi azi ko Umuhutu wese aryamira Umututsi. Ariko Umututsi ubwe nashobora gusobanurira uwo mubiligi ko ibyo bavuga atari byo azabyumva vuba. Sinarangiza iyi nyandiko yanjye ntasabye Abatutsi bazagira umutimanama wo kuvugira urwababyaye, kuzabivana ku mutima.

*Umusomyi wa Kangura.*

KA02 1182

# INKOTANYI ZATEGUYE IGITERO CYAZO KERA !

KA021182

**Muribuka ko muri *nimero ya gatatu ya Kangura* twabagejejeho ukuntu i Butare habaye imyigaragambyo y'abanyeshuri, ndetse uwitwa RWANYONGA akaza kwitaba Imana yishwe n'abajandarume**

**Twaje gukurikira rero dusanga ya myigaragambyo yarateguwe n'Inkotanyi, zishaka gutwika igihugu cyose; maze ibyo by'amashuri byamara gufatwa n'iyo myigaragambyo, Inkotanyi zigahera ko zidutera. Twegereye uwari Perefe wa Butare, milita KARANGWA Feredariko tugirana ikiganiro tumubaza icyo yaba azi cyangwa atekereza ku byamubayeho bitewe n'Inkotanyi.**

Ikinyamakuru Kangura:

*Milita KARANGWA, twifuzaga ko wakwibwira abasomyi b'ikinyamakuru* KANGURA.

Milita KARANGWA Feredariko:

Navukiye i Mushishiro muri Komini Bulinga, Perefegitura ya Gitarama, tariki ya 8 Kamena 1955.

Amashuri abanza nayize aho i Mushishiro, nyarangije njya mu mashuri yisumbuye mu iseminari ntoya ya Kabgayi, nyarangiriza mu iseminari ya Mutagatifu Pawulo i Kigali. Nahise njya kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare, mpakura impamyabushobozi ihanitse mu by'ubuhinzi (ingénieur agronome). Nyuma naje kwihugurira muri Kaminuza y'i Gembloux mu Bubiligi mu byerekeye ubukungu n'amajyambere y'icyaro (certificat en économie agraire et développement rural).

Ndangije amashuri makuru, nyuma y'amezi 7 y'ubushomeri, natangiye akazi muri Gashyantare 1981 ndi Umuyobozi wungirije w'umushinga Kibungo ya Kabiri (Homologue du Chef de Projet). Nyuma uwo naje kuwufatanya n'uwo kuba agoronome wa perefegitura Kibungo kugeza muri 1984, ubwo nabaye Chef de division ushinzwe kwiga imishinga y'amakomini n'amajyambere ya komini muri minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya komini.

Muri 1985, nabaye Umuyobozi w'umuganda muri iyo minisiteri kugeza mu mpera za 1987, ari nabwo nabaye Perefe wa Perefegitura ya BUTARE kugeza ubwo mpagaritswe kuri uwo murimo by'agateganyo tariki ya 10 Nyakanga 1990, nkanawuhagarikwaho burundu tariki ya 5 Ukwakira 1990. Hagati aho muri Kanama 1989 niho Perezida-Fondateri wa M.R.N.D. yanshyize muri Komite-Nyobozi ya M.R.N.D. na n'ubu nkaba nkiyirimo.

Guhera mu Kuboza 1990, ndi umukozi muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini mu buyobozi bukuru bushinzwe amajyambere ya komini.

I.K.: *Grèves (imyigaragambyo) zabaye i Butare ni nyinshi, uretse kuba mwarahategetse, mwaranahize, mubona ari iki kizitera koko?*

K.F.: Impamvu zitera grèves ni nyinshi, ariko iz'ingenzi nazishyira mu byiciro bitatu; icyiciro cy'ibirebana n'imyigishirize muri Kaminuza, icy'ibirebana n'imitegekere ya Kaminuza n'icyerekeye politiki.

• Ku byerekeye imyigishirize (sur le plan académique), porogaramu z'inyigisho usanga zikoze nabi ku buryo zidatuma umunyeshuri ahumeka, bityo agahora ahangayitse, cyane cyane mu mpera z'umwaka ari naho ibizamini bya simusiga bikorwa. Hariho kandi n'abarimu bamwe (icyakora ni bake) bigisha nk'abacancuro (mercenaires), ugasanga batagaragaza ubushobozi buhagije mu kwigisha bitewe n'ahari n'ubuswa bwabo cyangwa n'umutimanama muke mu kazi kabo. Abanyeshuri binjira muri Kaminuza nabo usanga batarabiteguriwe bihagije, bagakubitana n'amasomo mashya ntibashobore gukurikira neza. Ibyo byose bigatuma abatsindwa baba benshi, umuntu yabona nta mizero yo gutsinda ashigaje agatangira gushaka impamvu zo kwigaragambya ngo yenda umwaka azawusibiremo. Ntitwakwirengagiza kandi ko n'amategeko agenga imyigishirize usanga amwe akwiye kuvugururwa kugira ngo umwarimu amenye aho ububasha bwe bugera n'umunyeshuri amenye aho uburenganzira bwe bugarukira kuko kugeza ubu usanga umwarimu asuzugurwa n'umunyeshuri yikorera ibyo ashatse nk'utagira uburere cyangwa amategeko amugenga.

• Ku byerekeye imitegekere ya Kaminuza, usanga inzira umunyeshuri acishamo ibibazo bye abigeza ku butegetsi zirimo amananiza menshi, ku buryo iyo abanyeshuri babajije ikibazo ntibabone igisubizo vuba, bashakisha icyo gisubizo ku ngufu bakoresheje imyigaragambyo. Usanga kandi ubutegetsi bwa Kaminuza bwirengagiza izindi nzego z'ubutegetsi, bukazibuka gusa ari uko havutse ibibazo mu banyeshuri. Ibyo rero bituma ibibazo by'abanyeshuri ubutegetsi bubyihererana muri campus yabo, byamara kuba umutwaro bakabona kwiyambaza ubutegetsi busanzwe bwa perefegitura. Akenshi kandi babwiyambaza ari uko bumvise grève iri hafi.

Abanyeshuri nabo bafite umuryango wabo witwa AGEUNR, umeze nka Leta mu yindi. Uwo muryango ufite amategeko awuha ububasha bwihariye, Kaminuza ikaba ntacyo ishobora kuwuvugaho, ndetse n'ubutegetsi busanzwe ugasanga uwo muryango usa n'utabuzi mu gufata ibyemezo byawo. Ibyo rero bituma ubutegetsi budashobora kugenzura cyangwa kuvuga neza ibyemezo by'uwo muryango, dore ko unafite ubuzima-gatozi. Ndetse usanga amategeko y'uwo muryango aha abanyeshuri uburenganzira abaturage bandi b'Igihugu badafite, nk'uburenganzira bwo gukora imyigaragambyo, ukaba wagira ngo abanyeshuri ba Kaminuza si abanyarwanda nk'abandi.

• Ku byerekeye politiki, usanga abanyeshuri bo muri Kaminuza bakurikira cyane ibibera hirya no hino ku isi, hakaba iyo bifuje ko ibihinduka mu bindi bihugu byanahinduka mu gihugu cyacu, rimwe na rimwe badasesenguye ngo barebe ko bijyanye n'imiterere y'Igihugu cyacu. Hari kandi n'abantu batari abanye-

shuri babashuka bikurikiriye inyungu zabo, bakabakoresha nk'iyo myigaragambyo babereka ko ari uguharanira inyungu zabo, nyamara ari ukugira ngo babone aho bahera bahungabanya umutekano w'Igihugu. Ikindi ni uko Leta isa n'itinya umunyeshuri wo muri Kaminuza, ndetse igasa n'iyamugize bajeyi. Icyo asabye cyose akagihabwa, yakora amakosa ntahanwe nk'abandi baturage, ibyo bigatuma iteka umunyeshuri yiyambaza imyigaragambyo kugira ngo agere ku cyo yifuza, aho guca mu nzira y'imishyikirano.

I.K.: *Ubundi iyo habaye grève hari amabaruwa agenda mbere y'uko itangira, ndetse hari n'andi agenda grève yaratangiye. Ko twakurikiye muri izo nyandiko tukabura ihuriro ry'abanyeshuri n'Inkotanyi ku byerekeye iriya grève iherutse muri Kaminuza y'u Rwanda, mwe aho niko mubibona?*

K.F.: N'ubwo nanjye nta bimenyetso mfite bigaragaza ko iriya grève yatangiye kuwa 31 Gicurasi 1990 ifite ihuriro n'igitero cy'Inkotanyi, iyo nsesenguye nsanga bifite aho bihuriye.

I.K.: *Ese niba hari ihuriro mwe mubonamo, ayo makuru hari icyo yaba yaramariye u Rwanda muri iyi ntambara turwana?*

K.F.: • Mbere na mbere umuntu yareba uko iriya *orchestre* yo muri Zayire yatumiwe, akareba abayitumiye b'abanyarwanda abo ari bo kandi akareba uruhare bafite muri iyi ntambara y'Inkotanyi n'ibyitso byazo

• Abazanye iriya orchestre bayitindije ku bushake kugira ngo igere i Butare nijoro abantu barambiwe ndetse batangiye kurakara. Nta mpamvu bigeze batugaragariza yatumye bakererwa ntibubahirize isaha. Babigize rero nkana bazi icyo bagamije.

• Abanyeshuri bo muri Kaminuza nta na rimwe baiya bakora imyigaragambyo batabimenyesheje ubutegetsi ngo bubibahere uburenganzira. N'amategeko y'umuryango wabo AGEUNR arabiteganya kandi n'agenga imyigaragambyo mu gihugu arabiteganya. Ayo mategeko barayazi kandi bari basanzwe bayubahiriza. Ikindi ni uko kugira ngo habe grève, hagomba guterana Inteko-Rusange y'umuryango w'abanyeshuri (AGEUNR) ikabyemeza, ndetse buri wese akabisinyira mbere y'uko imyigaragambyo itangira.

Kuba rero iriya grève yarabaye ayo mategeko yose atubahirijwe, ni uko hari abanyeshuri bayihatiye abandi, kandi uzakora anketi azitonde azabonamo ibyitso by'Inkotanyi

• Mbere y'uko biriya byago biba, igihe ndetse na orchestre yari itaraza, hari abavuze ngo ni hahandi concert ntiribube. Birumvikana rero ko abo babivuze bari bazi icyo bavuga n'igiteganyijwe. Nabo uwabakurikirana yareba niba batabarirwa mu byitso by'Inkotanyi.

I.K.: *Ese ubundi byatangiye bite?*

K.F.: Imyigaragambyo ijya gutangira, yatangiriye ku gushyiraho *barrage* mu muhanda, ahantu hatari no ku irembo rya Kaminuza, ahubwo ku irembo ry'umuturage!! Imanza z'ibyitso by'Inkotanyi nizo zizatubwira niba uwo muturage ari umwere! Nibutse kandi ko abashyizeho iyo barrage bari bavuye kunywa k'uwo muturage.

I.K.: *Ese uretse abanyeshuri, hari ibimenyetso simusiga mwaba mufite by'ibyitso by'Inkotanyi, bikaba ari byo byatumye abanyeshuri bakora muri ibyo bintu?*

K.F.: Mu mujyi wa Butare hasanzwe agatsiko k'abantu bazwiho gushaka kugira abategetsi ba peretegitura ibikoresho byabo, mbese bafite inyota yo kuba ari bo bagena umurongo peretegitura igomba gutegekwamo. Abo bantu twahanganye nkigera i Butare ndabananira ariko ntibava ku izima, bagahora bashakisha amayeri yose yo kunyobya. Muri ayo mayeri kandi harimo no gukoresha imyigaragambyo y'abanyeshuri kugira ngo bavaneho umutegetsi badashaka. Abagize ako gatsiko abenshi batahuweho kuba ibyitso bikomeye by'Inkotanyi kandi anketi ubwo zitararangira n'abasigaye zishobora kubagaragaza kuko bahari.

• Icyo nakongeraho ni uko nziko mu banyeshuri bo muri Kaminuza ikigo cy'i Butare, hari abajyaga mu manama y'Inkotanyi ategura gutera u Rwanda. Ntibyatangaza rero ko baba baragize uruhare mu gutegura iriya myigaragambyo.

• Abasabiye orchestre kuza gucuranga i Butare, bari bifuje ko yacurangira muri Kaminuza, turabangira kuko tuzi ibyo Kaminuza yigeze gukorera orchestre y'i Burundi yahacurangiye. Bagomba rero kuba hari gahunda bari bafite igamije kuboroherereza umugambi wabo iyo iyo orchestre icurangira muri Kaminuza.

• Iyo urebye ukuntu ibinyamakuru byaduharabitse bikagera n'aho bitwandikaho ibitagize aho bihuriye na grève y'abanyeshuri bigamije kudusebya no gusebya ubutegetsi muri rusange, usanga ubwo buryo bwakoreshejwe buhuje n'ubwo Inkotanyi zakoresheje zisebya ubutegetsi bw'u Rwanda. Ntibyatangaza rero ko biriya byabaye i Butare bifitanye isano n'Inkotanyi, dore ko abakwizaga ibyo binyoma bafashwe mu byitso byazo.

• Iriya orchestre iza mu Rwanda, nta burenganzira bwa Minisiteri y'urubyiruko n'amashyirahamwe yari ifite. Itangazo ryaciye kuri radiyo gusa, twibwira ko bahawe uruhusa naho ntarwo basabye. Ibyo rero biragaragaza ko iriya orchestre yaje mu buryo bufifitse, abayizanye bakaba bari bafite icyo bategura kitari cyiza. Nta bandi kandi babazanye batari ibyitso by'Inkotanyi, dore ko tutayobewe ko INGELI zishyigikiwe na KAJEGUHAKWA.

• Imyigaragambyo y'abanyeshuri yari igamije gutera akajagari i Butare... maze abajandarume bagashyamirana n'abaturage, ndetse n'abaturage ubwabo bakaba basubiranamo ntacyo bapfa, ntawe uyobewe ko ariyo migambi y'Inkotanyi.

I.K.: *Ese ku bwanyu mwatanga uwuhe muti kugira ngo za grèves zigabanuke muri Kaminuza y'u Rwanda.*

K.F.: Kugira ngo grèves zigabanuke muri Kaminuza, ndabona hakorwa ibi bikurikira:

• Guhindura amategeko agenga imikorere ya Kaminuza y'u Rwanda ku buryo ubutegetsi

KA02 1184

busanzwe n'ababyeyi b'abanyeshuri bagira ijambo mu ifatwa ry'ibyemezo bireba cyane cyane imyifatire y'abanyeshuri.

• Kuvugurura porogaramu z'imyigishirize ku buryo abanyeshuri ndetse n'abarimu batahora ku nkeke (stress) ya buri gihe.

• Gutoza abanyeshuri bo muri Kaminuza uburere mboneragihugu n'uburere mboneramuco kugira ngo biyumvishe ko ari Abanyarwanda nk'abandi bagomba kubahiriza amategeko no kwiyubaha.

• Abanyeshuri bajya muri Kaminuza bishobotse bari bakwiye kujya babanza gukora nk'imyaka ibiri bakamenya ingorane z'ubuzima bwo hanze aha, bityo uwiyemeje kujya kwiga ntarangazwe n'ibitaramujyanye.

• Amategeko agenga umuryango w'abanyeshuri bo muri Kaminuza (AGEUNR) yari akwiye kuvugururwa akajyana na politiki n'amategeko y'igihugu.

I.K.: *Ese ku bwanyu, abanyeshuri nta kuri bari bafite ku munsi barashwe?*

K.F.: Nshubije icyo kibazo, naba ntandukiriye ku ngingo nzaburanisha mu rubanza ruteganyijwe mu minsi iri imbere. Byaba byiza rero mutegereje imyanzuro nzashyikiriza urukiko.

I.K.: *Ese ko kuri twe tubona ibyo bintu byose byarahuriranye, mwakwemeza ko abanyeshuri bo bari basanzwe biyemeje guteza imvururu uwo munsi?*

K.F.: Gusa navuga ko njyewe mbona abanyeshuri barashutswe bagakora imyigaragambyo batayiteguye batanabanje gutekereza ku ngaruka ishobora kugira, cyane cyane ko itari kubura guhitana abantu benshi iyo bagera mu ngoro ya M.R.N.D. yari iteraniyemo abantu basaga magana inani (800) muri iryo joro.

I.K.: *Ubu se uretse abanyeshuri, abasirikari barashe bo twavuga ko nabo ari Inkotanyi?*

K.F.: Abanyeshuri barashutswe, ariko abajandarume bo bakoze akazi kabo ko kubahiriza umutekano. Ntaho rero ibyakozwe n'abajandarume mbona byaba bifitiye isano n'Inkotanyi.

I.K.: *Ese ubundi,* dispositif *ya* sécurité *yari iri ku ngoro ya Muvoma kuri uwo munsi yo ntacyo mwayinengaho? Niba se abasirikari bari bahari bari bake, tuvuge ko ubwo buke bwatewe n'abakuru babo babikoze nkana, kubera kuba ibyitso?*

K.F.: Dispositif ya sécurité yari ku ngoro ntacyo nayinengaho kuko bahaje bakurikije uko ubutegetsi bwari bwabibasabye, dore ko icyo bita «réquisition des forces de l'ordre» kivuga neza ikiri bukorwe n'uburyo buri bukoreshwe.

I.K.: *Ese ubundi, uburyo busanzwe bukoreshwa ku byerekeye kwinjiza abantu ahabereye ibirori, murabuvugaho iki? Akenshi tubona indembo iba irisha bigatinda, nta bundi buryo bushimishije mubona bwakoreshwa?*

K.F.: Uburyo bushimishije ni «discipline» y'abantu ubwabo. Bagiye ku murongo se bakinjira bitonze ni nde wagomba gukoresha ndembo? Abantu rero bakwiye kugira ubwitonzi, bakumva ko uje mbere agomba kubona icyo yifuza mbere, uje nyuma agategereza igihe cye. Byose rero bigomba kugenwa n'uburere bw'abantu. Ndembo rero ikora ari uko abantu bananiranye, ni akanyafu gacogoza abatagira «discipline».

I.K.: *Niba mwararenganye se, ikosa turihereze kuri nde cyangwa se kuri ba nde?*

K.F.: Iraswa ry'abanyeshuri nanjye ntabwo ryanshimishije, ariko nta bundi buryo bwari gukoreshwa kugira ngo turinde umutekano w'abantu, barimo n'abanyamahanga, bari mu ngoro ya M.R.N.D., cyane cyane ko abari baje guhungabanya uwo mutekano bari bitwaje intwaro, ari benshi (hafi 400), bitwikiriye ijoro (hari saa yine z'ijoro), kandi baje ku buryo butunguye ku buryo ntawabonye igihe cyo gushaka ubundi buryo nka *grenades lacrymogènes* bwo kubahagarika. Abaryamaganye kandi ndabumva kandi icyo nzi ni uko iyo tutagira ibyago ngo hapfe umuntu, abenshi bari gushima kiriya gikorwa, cyane cyane abari mu ngoro muri iryo joro.

I.K.: *Ese kuki amatike yagurishirijwe ahantu hamwe gusa (mu kadirishya kamwe) kandi na none bagomba kwinjirira mu muryango umwe, murabona ko kuvunda bitagombaga kubaho koko?*

K.F.: Ntabwo amatike yagurishirijwe hamwe gusa, hari ikipe y'abantu bagurishaga amatike buri wese ku idirishya rye. No kwinjira kandi binjiriraga ku miryango yo mu gikari, naho amatike agurishirizwa ku ruhande rureba mu muhanda. Kuvunda kandi kw'abanyeshuri kurasanzwe, n'iyo bagiye kurya muri *restaurant* yabo bakora isibo.

I.K.: *None se tuvuge ko n'abari bateguye imyinjirire y'abantu nabo bari Inkotanyi?*

K.F.: Abateguye imyinjirire y'abantu ni abagize Komite ya Perefegitura ishinzwe imyidagaduro. Muri bo harimo umwe wari ubityayemo, usanga mbese akora nk'ufite izindi nyungu muri ibyo bintu, mbese ari nka «coordonateur» nyamara ubusanzwe atari ko kazi ashinzwe muri iyo komite. Uwo nawe yafashwe mu byitso by'Inkotanyi ategereje kuzaburana.

I.K.: *Urabona se mu rubanza rwawe uzishingikiriza biriya bitekerezo bigaragaza ko imyigaragambyo yatewe n'Inkotanyi?*

K.F.: Ibyaha ndegwa ntaho bihuriye n'Inkotanyi. Nziregura rero nkurikije amategeko y'Igihugu cyacu, nkurikije uko bavuga ko nayaciyeho.

Isesengura nakoze rigaragaza ko ibyabereye i Butare bifitanye isano n'Inkotanyi bigamije kwereka rubanda rwashutswe ko twarenganye, ko ibyo babwiwe byose mu binyamakuru byari bigamije kuduharabika gusa, bishaka kumperaho na Komanda MUHIRWA ngo byerekane ko ubutegetsi bw'Igihugu cyacu n'abashinzwe kubahiriza umutekano barenganya abaturage. Iyo ntero kandi ntawe utayizi, ni iy'Inkotanyi. Abemeye kubeshywa rero nibahumuke barebe ukuri, kandi n'ubutabera ntibuzatinda kukubagaragariza.

KA02 1185

KA021185

# AMAYOBERA GAHOMAMUNWA YA NKUBITO ALPHONSE.

Burya Bibiriya siyo yonyine irimo amayobera. Mu buzima bwa buri munsi harimo ibitubera urujijo ubwo tukavuga tuti « bino bintu ni amayobera ! »
Ibyo muri iki gihe cy'intambara byo si ukuba amayobera gusa ahubwo umuntu yavuga ko ari agahomamunwa tudakwiye kwemera nk'amahame.

Nawe se, ubwo NKUBITO yari akiri Porokireri Général i Kigali agire atya ku itariki ya 26 Ugushyingo 1990 yandikire Perezida w'Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali ibarwa n° 11/407/D11/A/PROGERAL amusaba uburenganzira bwo kugurisha (ordonnance de vente) ibicuruzwa bya RWIGARA Assinapol (nawe wafashwe bunyenzi) kubera ko yatinyaga ko byazaborera muri za sitoki (stocks), kandi yemeza ko ibyo bintu byafashwe bikurikije amategeko ahana mu Rwanda (article 251 du code pénal rwandais) Urukiko rwashubije Nkubito rumwemerera ... Nyamara ntibyatinze, ku itariki ya 3 Mutarama 1991 yandika ibarwa mu izina ya ARDHO a.s.b.l., ivuguruza iya mbere ndetse inasebanya.
Muri iyo barwa yandikiye Minisitiri w'Ubucuruzi no Kurengera Abaguzi na Minisitiri w'Ubutabera, yavuze ko kubona barafashe bakanagurisha ibyo bintu ari amarorerwa ( un réel scandale ) ateye igihugu ikimwaro. Yewe ndetse yanavuze ko umuntu wafashe ibyo bintu nta bushobozi abifitiye ( une personne qui est juridiquement incompétente ), akaba we abona mo uburyo bwa bamwe mu bategetsi bwo kwishakira inyungu zabo bwite.

Ngibyo ibya Alufonsi NKUBITO byambereye amayobera. Nawe se ati « mumpe uburenganzira bwo kugurisha biriya bicuruzwa » nibimara gukorwa ati « ibyo Leta y'u Rwanda yakoze ni amarorerwa » ! Si uburyo bwo guharabika u Rwanda se ?
Ni wa mutego w'umwanzi. Yabaye nk'udushuka rwose. Twavuga ko se akorera Leta y'u Rwanda cyangwa Inkotanyi ?
Niba NKUBITO yarabatijwe Alufonsi Mariya, kubera ariya mayobera ye, akwiye gufungirwa amasakaramentu kuko kugeza ubu ibyo akora ntawabishira amakenga.

DORE IBARWA YANDITSE ASABA KO IBYO BINTU BYAGURISHWA.

Kigali, le 26 novembre 1990

N°11/407/D11/A/PROGERAL.

Monsieur le Président du Tribunal
de Première Instance de Kigali
K I G A L I

A traiter par ..............................
Date d'entrée ..28 NOV. 1990........
N° classement ..5034/...

Monsieur le Président,

Suite à la saisie opérée par l'O.P.J. de la Gendarmerie Nationale sur les marchandises de Monsieur RWIGARA Assinapol lesquelles marchandises doivent être vendues parceque périssables.

J'ai l'honneur de vous demander de nous donner une ordonnance de vente parceque ces marchandises ont été saisies en vertu de l'article 251 du code pénal Rwandais.

J'annexe à la présente copie du procès verbal de saisie y relatif.

Le Procureur Général près la
Cour d'Appel KIGALI,

NKUBITO Alphonse Marie.

REPUBLIQUE RWANDAISE — PARQUET

KA02 1186

DORE IBARWA YANDITSWE ITANGA UBWO UBURENGANZIRA BWO KUGURISHA.

KA021186

REPUBLIQUE RWANDAISE
TRIBUNAL DE PREMIERE
INSTANCE DE KIGALI.-

République Rwandaise

Au nom du Peuple Rwandais

Ordonnance n° 267/M.J/90 autorisant la vente des marchandises.

L'an 1990, le 26 ème jour du mois de Novembre;

Nous, HATEGEKIMANA Jean, Président du Tribunal de Première Instance de Kigali, assisté de MUKAMUNANA Françoise, Greffier près cette juridiction;

Vu la requête écrite introduite par le Procureur Général près la Cour d'Appel de Kigali relative à la demande d'une Ordonnance de vente des marchandises saisies dans les Etablissements RWIGARA Assinapol en vertu de l'article 251 du Code Pénal;

Vu l'action répressive en cours d'instruction au Parquet de Kigali;

Vu les pièces produites, ensemble les motifs y déduits;

Attendu que la requête paraît fondée, qu'il échet d'y faire droit car ces marchandises (denrées alimentaires) risqueraient de périr à cause d'un long stockage;

PAR CES MOTIFS;

Vu l'article 108 du Code de procédure civile et commerciale;

AUTORISONS la vente des marchandises ci-après détaillées saisies par le Ministère Public dans les Etablissements RWIGARA Assinapol.

- 1015 sacs et 32 Kgs de riz
- 3884 sacs et 36 Kgs de sucre
- 124 Ballots "second hand" (Fripperies)
- 472 sacs de lait en poudre
- 830 cartons de boite d'allumettes
- 79 cartons, 48 fardes, 7 paquets de cigarettes champion
- 234 boites d'huile de cuisine
- 23.242 pelles
- 49 cartons d'emballages papiers.

ORDONNONS la consignation des sommes à percevoir chez l'Ordonnateur-Trésorier du Rwanda en attendant le jugement à intervenir.

Et vu l'urgence, autorisons l'exécution sur minute de la présente ordonnance.

Ainsi ordonné en notre cabinet à Kigali, aux jour, mois et an que dessus.

En conséquence, la République Rwandaise mande et ordonne à tous huissiers, sur ce requis, de mettre le dit arrêt (ou le dit jugement etc.) à exécution, au Procureur de la République d'y tenir la main, à tous Commandants et Officiers de la Force publique de prêter main forte lorsqu'ils en seront légalement requis. En foi de quoi le présent arrêt (ou jugement etc.) a été signé par ...

LE PRESIDENT:
HATEGEKIMANA

LE GREFFIER:
MUKAMUNANA Françoise.

REPUBLIQUE RWANDAISE TRIBUNAL DE PREMIERE INSTANCE KIGALI

KA02 1187

KA021187

DORE IBARWA YANDITSWE NA NKUBITO ATAKIRI PROCUREUR GENERAL I KIGALI, IKUBIYEMO AMAYOBERA YE.

**ARDHO** a.s.b.l

**B.P. 1868 Kigali**

Kigali, le 03/1/1991

Monsieur le Ministre du Commerce et de la Consommation
KIGALI.

Monsieur le Ministre de la Justice
KIGALI.

Monsieur le Ministre,

Le Comité Exécutif de l'Association Rwandaise pour la Défense des Droits de l'Homme (ARDHO) réuni en sa séance du 29/12/90, a examiné les mesures prises de saisie et vente des biens de certains commerçants et certaines sociétés, saisie et vente que d'aucuns décrient comme un réel scandale.

A cette occasion, il a été constaté que :

- Ces mesures ont été fondées sur une ordonnance irrégulière ; en ce que celle-ci, d'une part, en voulant s'appuyer sur l'article 251 livre II du Code Pénal relatif à la perturbation du marché par la dénaturation de la loi de l'offre et de la demande, remplace le Ministère Public qui est habilité à opérer la saisie des objets sujets à confiscation spéciale, et que d'autre part, l'ordonnance prend position comme dans une affaire civile ; en ce que la saisie opérée est faite à la demande, encore par une personne qui ne justifie d'aucun intérêt personnel direct et qui de surcroît est juridiquement incompétente.
- Les ventes ont été effectuées dans la discrétion absolue, c'est à dire sans aucune forme de publicité, au bénéfice de certaines personnes contactées au préalable, et plus grave encore, au bénéfice de certains membres de la Commission désignée à cet effet et à vils prix ;

Ce fait entache gravement l'image du Pays. Il est dès lors souhaitable que des mesures de correction soient prises immédiatement et intégralement, d'autant que parmi les bénéficiaires, même s'ils l'ont fait par parents interposés, il y aurait dit-on, des autorités se demeurant responsables.

.../...

KA02 1188

Le Comité d'ARDHO est bien disposé, à examiner avec vos départements si vous le jugez nécessaire, les mesures de redressement appropriées.

KA021188

Veuillez agréer, Monsieur le Ministre, l'expression de notre haute considération.

Pour ARDHO

NKUBITO Alphonse Marie
Président

ARDHO

C.I.

Son Excellence Monsieur le Président
de la République
KIGALI.

**ARIKO SE URIYA NKUBITO YABA AKORERA NDE?**

**ESE MINISITIRI MUJYANAMA WE KUKI YABYIHOREYE? AHO NI UBUHORO?**

# IBYITSO BY'INKOTANYI BIRACYATWIHISHEMO KANDI BIKOMEJE KUMUNGA CYANE INZEGO Z'UBUTABERA.

**Mwisomere namwe iyi nyandiko iri mu rurimi rw'igifaransa isaba ibisobanuro TWAGIRAYEZU Job, Subusititi (Substitut) wa Porokireri wa parike yo ku Gisenyi na RUDASINGWA François Xavier, Umukarani wa parike ya Gisenyi kubera ikamyo y'icyitso cy'Inkotanyi yari yafashwe na Gendarmerie yo mu Ruhengeri, bakagira uruhare runini mu kuyicikisha.**

*République Rwandaise*
*Ministère de la Justice*
*Parquet de la République*
*GISENYI.*

Objet : *Demande d'explication.*

*Monsieur TWAGIRAYEZU Job*
*Substitut du Procureur au Parquet de la République*
*GISENYI*

*Monsieur RUDASINGWA François Xavier*
*Secrétaire au Parquet de la République*
*GISENYI*

*Monsieur le Substitut,*
*Monsieur le Secrétaire,*

*C'est avec une grande amertume que je viens d'apprendre que ce dimanche 16 décembre 1990, profitant du week-end à bord d'une TOYOTA Corolla, conduite par un certain BAHATI, muni d'une procuration signée par le nommé RUKIMBIRA, sujet rwandais réfugié au Zaïre vous vous êtes rendus clandestinement à RUHENGERI, avec mission de faire mainlevé de son camion qui était saisi à la Gendarmerie de RUHENGERI.*

*De la même source j'ai été informé qu'à votre arrivée à la poste frontalière avec le Zaïre, les agents de Douane vous ont refusé le transit mais qu'après votre insistance comme quoi le Parquet de la République vous aurait chargé de conduire ce véhicule jusque chez le propriétaire et qu'effectivement vous êtes arrivés à destination.*

*Pour tous ces motifs, je vous demande de m'expliquer ce comportement indigne d'un serviteur de la Justice en me précisant les causes profondes qui vous auraient incité à entreprendre ces démarches, d'autant plus que vous savez tous que la nommée UWIMANA MUKANDINDA alors épouse de RUKIMBIRA avait été arrêtée par le Parquet de GISENYI, car on la soupçonnait d'être en relation avec l'ennemi qui a attaqué le pays à partir du territoire ugandais et qu'elle avait été ensuite libérée suite aux pressions des autorités zaïroises.*

*Par la même occasion, je vous demande de me communiquer l'autorité du Parquet qui vous a confié la mission de récupérer le camion, de me fournir l'autorisation du Préfet qui vous a permis de vous rendre à RUHENGERI, mais aussi et surtout les papiers qui vous ont permis de franchir la frontière en cette période de guerre.*

*Le Procureur de la République,*
*HITIMANA Antoine.*

*Copie pour information à :*

*— Monsieur le Ministre de la Justice KIGALI.*

*— Monsieur le Procureur Général près la Cour d'Appel RUHENGERI*

*— Monsieur le Préfet de Préfecture GISENYI*

KA02 1189



KA021189

# MU RWANDA, UBUTABERA BUBONA IBYO MINISITIRI W'UBUTABERA ASHAKA KO BUBONA.

1. Biteye agahinda, kuko iyo umuntu ashishoje neza ari byo abana ; cyane cyane iyo aroye ibyabanjirije n'ibyabaye muri iyi ntambara. Ndabaha ingero nyinshi :

— Nimero cumi ya *KANGUKA* yaje ivangura amoko aho ivuga iti «abana beza b'imfura batoranijwe». Muzarebe abo bana abo ari bo ku mafoto.

— Nimero ya makumyabiri na kane iza yandagaza abategetsi batarimo Minisitiri w'Ubutabera.

Nimero ya mirongo itatu n'umunani iza ituka, kandi ibeshyera umuryango wa Perezida wa Repuburika, itanibagiwe abasirikari bakuru.

— *Nimero 39 ya Kanguka* yometswemo umugereka wo gutera ubwoba abaturage ngo nta mutekano mu gihugu, usebya abasirikari n'Umuyobozi wa Reji y'Icapiro ry'Amashuri wanze ko ikigo ashinzwe cyacapa impuha.

Ubutabera bwasanze ibyo byose ntacyo bitwaye, kuko ari ntacyo bwabikozeho !!

Nimero za *KANGURA* zaje zivuga ibigiye kuba ariko imwe ivuga ibitagenda muri minisiteri y'ubutabera. Umuyobozi wa *KANGURA* yahise afatwa arafungwa.

Ikinyamakuru «*KANGUKA*» gihinduka «*IJAMBO*» maze si ugushegesha u Rwanda mu gihe cy'intambara. Ngo M.R.N.D. niyegure, ngo Repuburika ya Kabiri iyobowe na Perezida HABYARIMANA ngo ntacyo yakoze ngo ahubwo yakuruye inzangano n'ubwicanyi, ngo ubukungu bw'igihugu bwarushijeho kuzamba n'ibindi binyoma byo guharabika u Rwanda bukotanyi.

Abo bo «birinze» kugira icyo bavuga kuri milita MUJYANAMA, we wavugaga kuri radiyo ko abantu barekuwe ari abadafitiwe ibimenyetso simusiga.

*KANGURA* iti ibyo nabyo !! Ibita yerekana ibimenyetso simusiga kuri bamwe mu bashyirwaga mu majwi. Nyiri ukubyerekana yari agiye kubizira.

Niba Minisitiri w'Ubutabera na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bemera ko abantu bareshya imbere y'amategeko, nagira ngo mbatungire agatoki abantu bakwiriye gufungwa byihutirwa, kubera ko nsanga bataba barenganye nk'uko byagendekeye uwari superefe wa NGORORERO.

Abo bantu ni aba :

— Abatumye imbunda zari kwa KAJEGUHAKWA zidafatwa, n'abatumye KAJEGUHAKWA Valens atoroka.
— Abari bafite uburenganzira bwo gufata RWIGARA Assinapol mu ibazwa rya KAYITESI, ntibabikore.
— Abafunguje SAKUMI Anselme, n'abafashije NTASHAMAJE Gérard gutoroka.
— NKUBITO Alphonse Marie waharabitse u Rwanda yirengagiza inyandiko we ubwe yari yohereje inzego z'ubucamanza.

2. Ese koko Repubulika ya Kabiri ntacyo yakoze ? Nyiramaso yerekwa bike

Soma *KANGURA Nº 4* na *KANGURA Nº 7* aho tuvuga «bimwe mu by'ingenzi M.R.N.D. na Perezida HABYARIMANA batugejejeho» twifuza ko byashimangirwa kugira ngo M.R.N.D. ivuguruye izashobore gukomeza kurenganura rubanda nyamwinshi.

«*Le Démocrate — Impirimbanyi ya Demokarasi*» nº 2 iti «*M.R.N.D.* ikomeje gufata abanyarwanda nk'abana mu ivugurura rya politiki mu Rwanda» maze iharabika M.R.N.D. n'abategetsi barimo Umukuru w'Igihugu isa nibaregera Ubutabera ngo bubacire urubanza.

3. Ejo bundi NKUBITO Alphonse Marie aharabika u Rwanda ngo ntirukurikiza amategeko mu igurisha ry'ibicuruzwa by'Inkotanyi n'ibyitso byazo, yari yisabiye ubwe urukiko rukabimwemerera. Urwo rwandiko rucicikana hose kandi ruvuguruza ibyo we ubwe yari yiyandikiye.

4. «*ISIBO*» riti Radiyo Rwanda ni Radiyo mpuha !

5. Ibyo byose Minisitiri w'Ubutabera yarabyihoreye arinumira. None Inkotanyi zikomeje kubigenderaho ziduharabika ngo mu Rwanda ntihubahirizwa uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Hakubitiyeho ko hari abantu benshi bafunzwe bazira ubusa, ntibanaburanishwe, ntibanarekurwe.

Nyamara *KANGURA* yakwandika ibyo ifitiye ibimenyetso simusiga, ngo iriho irasebya abategetsi, ngo irakwiza impuha.

5. Ese ubwo ni bwo butabera koko ? Kubona baharabika u Rwanda n'Umukuru w'Igihugu, ba Minisitiri babishinzwe bakinumira.

Abaturage rero nibatangira kubashyira mu majwi ko badakora akazi kabo cyangwa ko baba bafatanije n'ibyo binyamakuru bisebya u Rwanda n'Umukuru w'Igihugu, batange itegeko ngo nibabafunge.

Ejo bundi bimwe mu byitso by'Inkotanyi nibabipakira muri za «coffres za Benz CD» bikongera kudutoroka ntihazagire uwitakana *KANGURA* ngo ntiyababuriye.

**NTIBYUMVIKANA !!!**

Muri iki gihe u Rwanda ruhanganye n'inyangarwanda *KANGURA* nayo ikaba itorohewe muri bimwe mu byo yiyemeje gukora, ari byo gufatanya n'abandi gutahura ibyitso by'Inkotanyi byanga bikigira nyoni nyinshi hashyizweho za barrières mu gihugu hose kugira ngo umwanzi atazatugwa gitumo, cyangwa se ibyitso bye bigatoroka nta nkomyi.

Ikitumvikana rero ni ukuntu umuhungu wa Minisitiri NTASHAMAJE yatorotse kandi ibyo byemezo byose twavuze haruguru twarakekaga ko ari umutamenwa. Aha rero twakeka ko yabifashijwemo na bamwe mu bategetsi bakomeye. Ese ko uwo muhungu yari amaze kugaragara ho ko ari muri bya byitso bikomeye, ni kuki atafashwe ? Ntibyumvikana rwose !!!

KA02 1190

# NDASUHUZA ISIBO.

KA021190

Ese murahumeka uwuhe mwuka iyo? Hirya iriya, ndetse na hano, amanama arakorwa ngo nibabamagane kuko mwanditse abategetsi! Abategetsi bararirira Umukuru w'Igihugu ngo abatabare ibyabo byavumbuwe. Demokarasi duharanira, demokarasi twifuza gushimangira ngo ntikabageremo da! Ikibabaje ni uko biyibagiza ko ITANGAZA-MAKURU ari ubutegetsi bwa kane. Abaturage bararira bakabura uwo baririra. Icyo ngusaba, ubutaha uzirinde kutubwira ngo URWABYA RWA... RWARAMENETSE. Ahubwo uzatubwire ko RUGIYE KUME... Icyakora kandi muzirinde gusebanya no kutuyobya, ntimukazatinye kuvugisha ukuri kuvuka muri demokarasi. Maze rero ndagira ngo ngutume kuri TWAGIRUMWAMI J. Bosco wanditse mu *ISIBO N° 5.*

Mbere yo kugira icyo mvuga ku nyandiko ye yise «INDANGAMUNTU NSHYA», ndabanza gushimira MUSANGAMFURA Sixbert, NDAHIMANA André, SEBUHORO Zachée na NIYOMUGABO Bernard, kubera inyandiko zabo nziza bagejeje ku basomyi b'ikinyamakuru *ISIBO N° 5.*

Muri make rero, wowe TWAGIRUMWAMI nturimo kuko nagaye inyandiko yawe. Sinzi niba warabaye muri AMERIKA kurusha uko wabaye mu Rwanda. Icyo ngusaba ni ukumenya amateka y'u Rwanda, ukareka kuyagereranya n'ay'Abanyamerika. Ese wari uzi ko Abanyamerika ari bo bavangura amoko kurusha abandi? Uzatubwire igihe uwirabura wo muri Amerika azabera Perezida!

Kugira ngo tubone ubwigenge habaye ah'abagabo. Mbere ya Révolisiyo yo muri 1959 byabaye ngombwa ko ubwoko bw'umuntu bwandikwa mu bya ngombwa bye. Bityo bituma imbaga nyamwinshi iboneka iratsinda. Ariko icyo gihe Abatutsi bari bakomeye ku ngoma vabo va cvami barabirwanije. Kubera uwo murage ejo bundi F.P.R. (Front Patriotique Rwandais), Inkotanyi ziti turifuza ko ubwoko buva mu iranga-muntu. Umukuru w'Igihugu ati «TURABYEMEYE KUGIRA NGO URWITWAZO RUVEHO». None wowe ngo ntacyakozwe kuko ifishi izagumaho muri Komini! Sinzi niba utekereza uko izina ryawe ryifuza... Icyo utinya kirahari. Ugomba kuba utekereza kure cyane (AMERIKA) ukibagirwa ko tuvugurura politiki y'igihugu cyacu (RWANDA).

Usome mu bibazo byatanzwe na Komisiyo ishinzwe gukusanya ibitekerezo ku nteruro yayo y'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE.

Barakubaza uko ubona byagenda kugira ngo IRINGANIZA mu mashuri no mu mirimo ryakorwa kugira ngo rinogere Abanyarwanda. Ubwo se ko mbona ko umutima wawe wibera muri AMERIKA, uzasubiza iki? ABAHUTU, ABATWA n'ABATUTSI bazagenerwa imyanya mu mashuri no mu mirimo bate kandi nta myirondoro yabo izwi?

Ahubwo njye ndabona umwirondoro udatitse wa buri wese ari ngombwa kugira ngo iringaniza rizatunogere. Abahinduye ubwoko bose bagomba gusubizwa ku bwoko bwabo bw'ukuri kandi bagahanwa. Hari n'aho ugaya ku basore bagiye kurongora. Ushatse wakwerura ukavuga. Abasore bariho ubu, ntacyo bazi ku bugome bwabanjirije u BUMWE n'AMAHORO twari tugezeho ubu. Ariko umurage wa bamwe byagaragaye ko badashobora gushyingira abandi. Akenshi Abahutu bo muri iki gihe bacengewemo n'Ubumwe nta nzika bagira bityo bakarongora Abatutsikazi, uretse ko ngo baba babaca n'inyuma bakabyarana na bene wabo b'Abatutsi. Naho Abatutsi, ngo ni umurage ko batagomba kurongora Abahutukazi: nyamara ngo urukundo ntirugira imipaka...

Izo za pole wumva ni aho zituruka. Sinzi igihe wavukiye, naho ubundi iryo zina ryawe abarikwise bakwise nabi n'ubwo ryagukujije. Reka kwirengagiza amateka y'u Rwanda ejo batazakwita NTIBANYURWA.

*MUNYAGISHALI Bernard*
*Komini KICUKIRO*
*Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.*

# QU'EN EST-IL POUR CERTAINS FOUILLARDS?

C'est encore frais dans nos mémoires qu'il y a des messieurs qui ont quitté précipitamment le pays et dont la souspiscion pour cause de collaboration avec les Inkotanyi s'est considérablement accrue ipso facto.

Nous avons mené une enquête centrée sur la personne de RWAKANA Hermogène et nous avons abouti aux constatations suivantes:

- Pour ce qui est du passeport que son grand-frère, nommé BAYINGANA Joseph lui aurait acheté, nous aimerions informer nos lecteurs qu'au Rwanda, l'achat de passeport est individuel et de ce fait personne ne peut être mandaté pour l'achat de passeport dans notre pays.
- Pour ce qui est du pillage qu'Hermogène aurait organisé contre son voisin, aucune information concordante n'a été recueillie jusqu'à présent. En effet, les bandits ont été capturés et ils affirment qu'ils ont organisé d'eux-même ce coup. D'après eux, RWAKANA ne les a pas contactés.
- S'agissant de l'opération que monsieur BAYINGANA Joseph aurait organisé pour vider les stocks de son frère (RWAKANA Hermogène), aucune preuve n'a été fournie et même notre enquête n'a rien reccueilli comme information corroborante à ce sujet.

Par ailleurs, nous aimerions rappeler à nos lecteurs que la lettre source d'information qui a paru dans *le numéro 7 de Kangura* ne véhiculait donc pas l'opinion du *journal KANGURA*. Aussi, l'étiquette d'«INKOTANYI» n'est collée à quelqu'un que par les autorités compétentes en matière pénale, après collecte d'informations probantes. Il ne faudrait surtout pas abuser de ce terme.

*LA REDACTION.*

KA02 1191

KA02 1191

# KUVUGURUZA IKINYAMAKURU BIRUTA KUCYAMAGANA, NI NAYO DEMOKARASI !

Mu nama ya Guverinoma yateranye ku wa 21 Ukuboza 1990 twumvise ko Minisitiri MUJYANAMA yasabye abagize kumufasha kwamagana ngo ibinyamakuru byigenga kubera ko ngo bipfa kwandika ku bantu «bititaye ku gihagararo n'indeshyo yabo» (aha mbivuze mu magambo yanjye).

Abenshi twarabyumvise dukubita agatima kuri KANGURA Nº 6 yamwibajijeho byinshi byerekeye ka kanama kajonjora Inkotanyi n'Ibyitso byazo yavuganiraga we na NKUBITO, yemeza abanyarwanda ko bagomba kumwizera rwose ko nta muntu n'umwe mubafatiwe mu by'inkotanyi ako kanama karekura katabanje kumwumva hamwe n'uwamutashe. Mu gihe MUJYANAMA yaduhatiraga gukomeza kumwizera *(confiance aveugle)* kandi benshi twarabonaga impamvu zo gukemanga imikorere y'ako kanama, abantu baje gukubitwa n'inkuba babonye ya matelegaramu abiri yoherejwe mu Ruhengeri ngo bafungure abitwa SAKUMI Anselme na KABATESI *(voir KANGURA Nº 6, page 3)*, maze cya cyizere gihinduka zeru, kuko bigaragara ko izo telegaramu zitoherejwe na ka kanama kabanje kumva imyiregurire ya bariya bombi.

Tukibaza rero, mu gihe MUJYANAMA ataragira icyo asobanura kuri ziriya telegaramu 2 kandi abantu babitegereje cyane no ku yindi we ubwe yohereje atumaho ikitaraganya inkotanyi kabuhariwe 15 ngo zive mu Ruhengeri zize i Kigali *(cf KANGURA Nº 6, page 5)*, tukibaza nyine mu gihe ntacyo aravuga kuri ibyo bintu, icyo asaba Guverinoma ngo yamagane? Guverinoma se ishinzwe gupfukirana ukuri? Ishinzwe se gushyigikira abahishira Inkotanyi n'Ibyitso byazo? (aha ntihagire unyumva nabi kuko niba ziriya telegaramu zaroherejwe bitanyujijwe mu Kanama, nta kindi bivuga uretse gutitika nyine!)

Ni nayo mpamvu abantu benshi bashyigikiye igitekerezo cya Milita SEBAGABO Alphonse cy'uko abafunguwe na MUJYANAMA na NKUBITO baba bagarutse gato kugira ngo Prokireri mushya MUKAMA Reverien agenzure ababa barafunguwe mu buryo nka buriya butifitse bose; abaturage barashaka ko kugira ngo ubwiru bugabanuke no gukekakeka biveho bajya batangaza buri muntu icyo yafatiwe n'icyo bamurekuriye kugira ngo twibonere natwe ko ibimenyetso biba ari nkene! Nawe abantu barenga 3.500 bose barekuwe! Ese ni ukuvuga ko abari babatashe bapfuye kubafata cyangwa n'ababarekuye bapfuye kubarekura?

Iki cyifuzo ariko cya SEBAGABO Alphonse cy'uko abarekuwe bagaruka *(voir KANGURA Nº 6, page 11)* Minisitiri MUJYANAMA yarakigaramye ubwo yavuganaga n'abanyamakuru amaze kubonana n'abadiplomate muri MINAFFET. Ni ukuvuga ko azi icyo yacyangiye, bityo rero bariya bantu bapfuye kurekura nibacika — ngira ngo kandi batangiye kubamara nka wa mugore Jeruttride mwibuka warekuwe yagera mu Bubiligi akarikoroza si ukudutuka akaduha n'ibyo gupfunyika!

cyangwa bakongera kwisuganya bakarara baturasa nko muri rya joro ryo ku wa 4-5 Ukwakira 1990, niba batadutsembye, ubwo MUJYANAMA na NKUBITO bazarwigende! dore umuntu arababwira kugarurira ibintu hafi ngo arasebanyije, ngo avuze impuha

Tugarutse ku byo twahereyeho rero, birakwiye koko kwamagana ibinyamakuru bisebanya cyangwa bibeshya bitangaza inkuru bidafitiye ibimenyetso kuko bene ibyo binyamakuru bibaho ariko rero birakwiye kurushaho kuvuguruza cyangwa gutanga ibisobanuro ku bintu bigaragara ikinyamakuru kiba cyatangaje ko abantu bakwibazaho. Kwamagana ikinyamakuru kandi bijye bijyana no kukivuguruza kuko iyo utabikoze abantu bafata ko ibyo «cyakubeshyeye» aribyo na we ubyemera!

Dore nka HANGIMANA na MUTSINZI rubanda rukomeje kwibaza impamvu batagira icyo basobanura ku byo BURAYOBERA Victor yababajije mu mwanya w'abandi basomyi muri KANGURA Nº 5 kandi bitegerejwe cyangwa bizabe bya bindi ngo *«qui ne dit mot consent»* (utavuguruje ibyo bamurega aba abyemeye!). Ibyo bisobanuro abantu bari babitegereje mu Ijambo Nº 10 ariko aho kugira ngo babitange bahisemo kuvuga ibigwi by'Inyangarwanda MAJYAMBERE urimo kuevatsa i Burayi aduharabikira igihugu. Abantu kandi barasanga titire yabo ngo: «MAJYAMBERE n'ABAKIGA» ntaho ihuriye n'inyandikomvugo y'inama ya Chambre de commerce bashyize munsi yayo. Rubanda rukemeza ko ari bwa buryo bwabo bakomeje bwo gushaka guteranya abana b'u Rwanda twihangayikishirijwe n'Inyenzi zitwugarije.

Mu gihe nari maze gushyira akadomo kuri iyi nyandiko, numvise ibyo Ministre MUJYANAMA yavugiye muri Kongre ya MRND ku Kibuye ariko numvise ntacyo asobanura kuri ziriya telegaramu yazinyereyeho gusa. Kuvuga ko bazibye ndumva ari ugusebanya gusa kuko umunyamakuru nyine agomba gushaka inkuru yakiza rubanda aho yaba iri hose, no mu Ijuru bimushobokeye yajyayo ariko akerekana gihamya y'ukuri avuga. Ni nacyo dukundira KANGURA kuko idapfa kuvuga ibintu idafitiye ikimenyetso simusiga.

Ese none bije kugaragara ko ibyo Ministre MUJYANAMA yavuze ko ziriya telegaramu zaba zaroherejwe Komisiyo yose ibizi atari byo byagenda bite? Kuko tutabona ko bariya bantu bavuye mu Ruhengeri ngo bayitabe ibumve cyangwa se yo ngo ibe yaragiye kubumvira mu Ruhengeri ari naho yari kubafungurira nta telegaramu zigombye gukorwa. Huum!

NSHOGOZABAHIZI Bernad
Kigali

KA02 1192

# LE JOURNAL «LE VOLCAN» CHANTE AU RYTHME DE LA CALOMNIE, DE L'INTRIGUE ET DE LA ZIZANIE.

KA021192

*MIRASANO Célestin.*
*B.P. 126 GISENYI.*

Il existe en effet à Goma un journal qui se dit «*LE VOLCAN*» — Journal des grands lacs — et qui a pour objectif de répandre la contre-vérité sur le Rwanda.

Dès le déclencement de la guerre imposée au Rwanda par les éléments de la NRA. *Le Volcan* est tout de suite entré en éruption et ses journalistes ont aiguisé la langue et la plume pour calomnier et insulter le Rwanda de tous les maux.

Pour les Rwandais patriotes, les amis du Rwanda et tous les défenseurs de la vérité, les calomnies et les insultes de ce *Volcan* sont dégoutantes et révoltantes.

Dans son édition du 17 décembre 1990, *le Volcan* titrait à la UNE: **«RWANDA, terre de violence et de violation des droits de l'homme».**

Le développement de ce titre insolite est parsemé de contre-vérités flagrantes. C'est ainsi que *le Volcan* avance sans honte que le Président HABYARIMANA a usurpé le pouvoir en 1973.

Le Journal poursuit en récitant la litanie habituelle et mensongère des INKOTANYI en disant : .... **«Ainsi, ont-ils malheureusement fait de leur pays, le foyer de la violence, du feu et du sang p.c.q. les cas de meurtre, des arrestations arbitraires et des réglements de compte entre frères rancuniers, bref la violation notoire des droits de l'homme y est monnaie courante. A l'exception des HUTU de la région du Bushiru...».**

D'autres fantaisies signées par des maniaques à n'en point douter sillonnent le texte jusqu'à la fin.

Les signataires de l'enquête «disent-ils!», visiblement maîtres dans l'art de l'intoxication, indiquent leurs noms à la fin du texte. Ils sont «maîtres» Museme Kilonda Nkula et Pay-pay Gatambiye.

Ainsi donc, concernant la couleur du Journal et ses agents, le doute ne peut être permis. Il s'agit d'un organe d'expression du FPR et ses agents sont les idéologues de ce parti ténébreux ou à sa solde.

Et pour cause, sous le sous-titre «*La politique d'un poids-deux mesures de la France*» *le Volcan* fait une déclaration d'amour au FPR : **«Quel tort ont les amis de feu Fred RWIGEMA alors qu'ils ne demandent que la liberté de rentrer chez eux et le respect des droits de l'homme...».**

Enfin, pour calmer son éruption hystérique, *le Volcan* titre encore un peu plus loin : **«KIGALI expulse 50 familles zaïroises»** et argumenter de façon infantile : ... **«Renseignements pris, elles ont été victimes d'une mesure du Gouvernement Rwandais visant à expulser de son territoire tous les Africains ressortissant des pays concernés par la question du retour des réfugiés politiques rwandais sur la terre de leurs aïeux...»** Quelle légèreté ?!

Décidément, si l'objectif d'un journal comme *le Volcan* est de déformer les faits et de profaner la vérité, il serait tout à fait légitime de refuser le droit de libre expression à certains individus ou groupes d'individus de basse moralité.

Mais comme je prends la plume pour démentir et éclairer *le Volcan*, il est important de revenir sur certains éléments.

**1)** Qu'un étranger ose dire à la place des Rwandais que le Président HABYARIMANA a usurpé le pouvoir constitue une injure et justifie de fait la légèreté de l'auteur.

Le Président HABYARIMANA a pris le pouvoir et mené une révolution à laquelle aspirait tout le peuple rwandais hormis la bande de sanguinaires INKOTANYI qui constitue sans doute l'échantillon de l'enquête menée par *le Volcan*.

Mais le Rwanda est peuplé par 8.000.000 d'habitants qui font confiance au Président. Les propos calomnieux des voyous ne peuvent pas empêcher le peuple rwandais de vaquer à son travail.

Par contre, le cas d'usurpation du pouvoir le plus déshonorant est celui de Fred RWIGEMA — l'idole du *Volcan* — Heureusement que le peuple rwandais a su à temps barrer le chemin à cet aventurier héroïnomane.

**2)** *le Volcan* déclare que les amis de Fred RWIGEMA ne demandent que de rentrer chez eux et le respect des droits de l'homme. Fallait-il pour ça faire usage des orgues de Staline.

En matière des droits de l'homme, les INKOTANYI n'ont aucune leçon à faire aux humains quand on sait le palmarès de leurs horreurs. Les enfants ont été enrôlés de force pour servir de boucliers (quelle cruauté !, quelle lâcheté !) — les écolières et les vieilles femmes ont été violées — les paysans ont été massacrés et leurs maisons incendiées etc... Même les amis de cher «FRED» n'ont pas su respecter les droits de la faune et de la flore !

D'ailleurs pourquoi le Général major RWIGEMA, ancien vice/ministre de la défense de l'armée ugandaise — d'origine rwandaise certes — devait rentrer au Rwanda ? Pour y faire quoi ? Je pensais que pour occuper un tel poste de haute responsabilité politique et militante dans un pays, il faut être citoyen de celui-ci. Quant aux véritables réfugiés, j'espère qu'ils étaient au courant de l'état d'avancement du dossier de leur retour avant l'attaque barbare de Rwigema et ses acolytes sanguinaires.

**3)** Concernant ce que *le Volcan* appelle l'expulsion de 50 familles zaïroises, le Journal ne fait que confirmer sa cécité et son inaptitude à mener une enquête journalistique. Sinon, *le Volcan* aurait pu savoir aussi combien de familles rwandaises ont été obligées de quitter la capitale suite aux problèmes économiques posés par la guerre.

Qu'il soit rwandais ou ressortissant d'un pays limitrophe — n'ayant pas des moyens de subsistance sûrs ou vivant de certains métiers — il a été autorisé de quitter volontairement la capitale. Comment un taximan peut survivre quand il n'y a pas de taxis à conduire ou un mécanicien quand il n'a pas de véhicules à réparer ? etc.

Il s'agit plutôt d'une mesure économique et humanitaire. Les familles concernées et tout le peuple frère zaïrois connaissent le bien-fondé de cette mesure si bien que l'objectif du FPR de semer la zizanie ne sera pas atteint. D'ailleurs quand la machine économique reprendra sa marche, toutes les personnes déplacées de Kigali pourront revenir s'installer.

Je termine en invitant *le Volcan* à se nommer comme il s'habille c'est-à-dire l'organe d'information du FPR (INKOTANYI) et non le Journal des grands lacs.

*La Rédaction.*

KA02 1193



KA021193

# KANGURA IRANDIKIRA MININTER.

*Rédaction GISENYI-INFO*
*Journal KANGURA.*

*Kuri Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini,*

*Nyakubahwa Minisitiri,*

*Twebwe abanditsi b'ikinyamakuru* KANGURA *cyandikirwa ku Gisenyi n'i Kigali, tubabajwe no kubagezaho impungenge zivanze n'ubwoba dusigaye duterwa n'ibisubizo bya bamwe mu bategetsi, basabwa gusobanura ibyo ibinyamakuru byabanditseho, aho kubisobanura ngo Abanyarwanda bamenye inkuru y'impamo, ahubwo abategetsi bakihutira kutwamagana no kudusabira ko twajya mu buroko; n'aho twaba dufite ibimenyetso simusiga by'ibyo tuvuga cyangwa se twandika.*

*Milita Minisitiri, murabona ko u Rwanda rwacu rwugarijwe n'ibitero by'Inkotanyi kuva umwaka ushize, kandi hanze biravugwa, ndetse namwe murabizi ko Inkotanyi mbere yo gutera zabanje gushaka ibyitso byazo. Impungenge rero twe abanyamakuru dufite, ni uko muri anketi zacu hashobora kugwamo abategetsi, baba aba gisirikari cyangwa se aba gisivili, maze twabatangaza bikitwa ibihuha ngo turashaka guteranya amoko, none twabasabaga inama ubwo ari mwe mushinzwe ubutegetsi bw'igihugu: Inama tubasaba ni ukuntu twazajya tubyifatamo, mu gihe anketi zacu zigaragaje ko hari umutegetsi runaka warangaye bigatuma Inkotanyi zitwinjiramo cyangwa se akaba yarabigizemo uruhare, kandi n'abaturage bakeneye kumumenya.*

*Milita Minisitiri, ko ari mwe mushinzwe ubutegetsi bw'igihugu, kandi bikaba bivugwa ko mu Rwanda kuva muri 1988 hakorera ibiro by'iperereza by'Inkotanyi, ese mwebwe haba hari icyo mubizi ho? Niba hari icyo mubizi ho se, mwabikoze ho iki? Niba ntacyo mubizi ho, nta byemezo bikomeye mwazadufatira igihe cyose GISENYI-INFORMATION izabatangariza abagize ibyo biro by'ubutasi bw'Inkotanyi? Milita Minisitiri, kubera ko ari mwe mushinzwe ubutegetsi bw'igihugu turagira ngo tubatungire agatoki: Ubwo ikipe ya Etincelles iherutse kujya gukina umupira w'amaguru i Kinshasa, hari umugore – uri muri ibyo biro by'iperereza twavuze – wahaye bamwe mu bo twari kumwe muri ubwo butumwa inyandiko bagomba kuzanira bene wabo baba mu Rwanda, babamenyesha aho imyiteguro y'ibitero by'Inkotanyi igeze, ndetse agerekaho ko hari na Consulat igiye gushyirwa kuri GOMA ho muri Zayire. Ikazajya ifasha Inkotanyi cyangwa se ibyitso byazo biba muri région ya Kivu.*

*Milita Minisitiri, urwandiko rwacu turuhinive aha, ubwo nimukenera ibisobanuro byafasha igihugu, ubwo muzatwegera tubibahe.*

*Murakoze.*

*Rédaction GISENYI-INFO.*

## *HUMOUR*

### SILENCE! ON JUGE!

*Le président :* Accusé, levez-vous.

*Le greffier :* Monsieur, vous êtes prévenu d'avoir troublé tout le pays en faisant croire qu'une invasion de grande evergure était imminente. Fait prévu et puni par l'article 0 de la magistrature penchée.

*Le président :* Accusé, avez-vous quelque chose à dire pour votre défense ?

*L'accusé :* Deo gratias.

*Le conseiller :* C'est tout ?

*L'accusé :* Amina.

*Le président :* La parole est au Ministère Public.

*Le Ministère public :* Honorables, membres de cette cour, le monsieur que vous avez devant vous est un mal pour la société. Je dirai même plus : il est une gangrène. Ses crimes sont nombreux. Vous n'avez qu'à lire le dossier. Mais le fait le plus grave est d'avoir voulu provoquer la guerre civile.
En effet, il a osé s'attaquer aux richissimes commerçants en les calomniant de tremper dans une tentative de vouloir restaurer le système aboli par l'article 2 de la Constitution.
Je dirai même plus : si je ne l'avais pas écroué à temps, il allait publier la liste des gens qui aident un mouvement d'opposition basé à l'extérieur. Tout ceci, Honorables membres de la Cour, ne doit tromper personne. Ce criminel de grand chemin avait pour but de salir des honnêtes gens et de distraire les humbles citoyens afin de les pousser à la guerre civile.
Heureusement que je suis vigilant et clairvoyant pour l'avoir jeté en prison au moment opportun. Sinon, le pays allait être mis à feu et à sang à cause de cet individu. Par suite de ce crime, je demande à la Cour de le condamner d'une façon exemplaire. Et ferez justice.

*Le président :* Accusé, avez-vous quelque chose à ajouter au réquisitoire du Ministère public ?

*L'accusé :* Allah Akbar.

*Le conseiller* ( très bas ) : Je constate que beaucoup d'éléments de preuve manquent dans le dossier.

*Le président* ( très bas ) : Effectivement, moi aussi, je constate que l'accusé a été arrêté arbitrairement. ( s'adressant au Ministère public ). Le Ministère public, a-t-il quelque chose à ajouter ?

*Le Ministère public :* L'accusé doit prouver qu'il est innocent, sinon, le châtiment doit être exemplaire. Je dirais même plus : Il doit rester sous écrou.

*Le Président :* Accusé, votre close ?

*L'accusé :* In cha'Allah.

*Le Président :* La séance est levée.

*Le premier octobre 1990, la guerre éclate. NGEZE Hassan est libéré, le Procureur général est surpris.*

*F.F.*
*Kangura.*

KA02 1194



Umwe mu Barwanashyaka b'Imena baharaniye Revolisiyo nyarwanda ya 1959:
HABYALIMANA Joseph GITERA.